**IBIRI MURI AKA GATABO N°29**

1. Ijambo ry'ibanze
Ubwanditsi
2. Pawulo urugero rwo guhinduka no gukorera Imana
Diacre Antoine MUSABYIMANA
3. Ubuzima n'ingendo nyamamazabutumwa bya Pawulo Mutagatifu
Fratri François KUBWIMANA
4. Noveni ya Mutagatifu Pawulo
Scolastika Jacques Alberione (Byanditswe tubisabye Pallotti-Presse).
5. Ubwiyunge ni uburenganzira n'inshingano kuri buri wese
(igice cya kabiri) Kwiyunga nawe ubwawe
Padiri Emmanuel NYAMPATSI
6. Kongere ya mbere y'Iyogezabutumwa mpuzamahanga ku mpuhwe z'Imana
Emmanuel HAKIZIMANA
7. Paruwasi Murunda mu rugendo rwa Yubile y'imyaka 100 imaze ishinzwe(17/5/1909-17/5/2009)
Padiri Léonidas KAREKEZI HABARUGIRA
8. Forum y'urubyiruko rw'Abanyamutima i Rwaza
Rosette KAMPOGO
9. Isengesho ibiryo by'umukristu
Godelième UWAMARIYA
10.Yezu niwe witoranyiriza intore
Jacques NTARUVUGIRO
11.Bikira Mariya afite abayoboke
Jacques NTARUVUGIRO
12.Imibereho ya GIKERI Gérard
A.G.I. Nyundo
13.Udukuru two hirya no hino
BAMURANGE Françoise

## IJAMBO RY'IBANZE

### "Nimureke Imana ibigarurire" (2kor 5,20)

Umwaka wa Yubile y'imyaka 2000 ishize Pawulo Mutagatifu avutse ugiye kurangira. Twese twumvise ko Papa yagennye ko twakora iyo Yubile.Tuzi kandi ko Yubile ari igihe cyo gusubiza ibintu mu buryo (Lev.25,8-19). Ntabyo twishoboza ku bwacu, ahubwo dushyiraho akacu twakira ingabire z'Imana, kandi Imana izitanga isukiranya. Uwo Pawulo Mutagatifu twizihiriza Yubile aratubwira ati: "Ubu rero duhagarariye Kristu; nk'aho Imana ubwayo yabashishikarije muri twe. Ngaho rero, turabinginze mu izina rya Kristu: "Nimureke Imana ibigarurire!"(2Kor 5,20). Twakire rero ingabire z'Imana, maze Kristu atwigarurire.

Bamwe mu banditse muri aka gatabo ka 29 k'Umusemburo w'Ubusabane baragira ngo turusheho kumenya Pawulo Mutagatifu n'ubutumwa Imana yamutoreye. Baratubwira ko yari Umuyahudi warezwe neza mu bijyanye n'umuco w'umuryango we; yarize cyane, akubitiraho no kugira ishyaka ryo kurwanira iyubahirizwa ry'amategeko yize. Iryo shyaka ni ryo ryatumye arwanya abamamazaga Inkuru nziza ya Yezu Kristu. Yari ataramenya ko ibyo yize Yezu yabihaye icyuzuzo kinonosoye. Aho Yezu amwigaragarije yumvise noneho ko ari We akwiye kuyoboka kandi akamwamamaza. Abyivugira agira ati: "Nyamara umunsi Uwanyitoranyirije nkiri mu nda ya mama, yampamagaye ku bw'ineza ye ngo ampishurire Umwana we kugira ngo mwamamaze mu mahanga, ako kanya nahise mpaguruka ntawe niriwe ngisha inama"(Gal1,15-16).
Murisomera muri aka gatabo ingendo ndende yakoze mu ngorane nyinshi zitigeze zimuca intege, kubera ko yari azi uwo yemeye.

Pawulo yumvise ko Kristu yemeye amutuma kumumenyesha amahanga yose kandi ko abantu bose mu moko yabo yose Yezu yabagize umuryango umwe. Nibyo akanyamakuru kacu gahora kudusubiriramo. Kwitwa "Umusemburo w'Ubusabane" nuko kagamije kudukangurira kwunga ubumwe muri Yezu Kristu. Ubwo bumwe Pawulo Mutagatifu yarabwigishije cyane kandi no mu mibereho ye arabugaragaza. Yandikira Abanyakorinti yatwumvishije ko ibyasa n'umwihariko wa buri muntu, ndetse rimwe na rimwe yiratana, burya ahubwo biba ari ingabire buri muntu nyine yahawe kugira ngo zigirire bose akamaro. Aravuga ati: "Ingabire ziranyuranye, ariko Roho ni umwe; muri Kiliziya kwitangira abandi biri kwinshi, ariko Nyagasani ni umwe; uburyo bwo gukora buri kwinshi, ariko Imana ni Yo itunganya byose muri bose. Koko rero, buri wese ahabwa kugaragaza ibyo Roho w'Imana amukoreramo, ngo bigirire akamaro bose"
(Kor12,4-7).

Kugira ngo izo ngabire duhabwa zitadupfira ubusa dukwiye gutega Imana amatwi y'umutima wacu tukazakira, tugashimira Imana maze tugahaguruka tugakora twitanga ngo tugirire bose akamaro. N'imibereho y'umuntu ya buri kanya ibereyeho "kugirira bose akamaro".

Umusemburo w'Ubusabane wasabye uruhushya rwo kwandika NOVENI yatangajwe na Pallotti-Presse, kugira ngo abasomyi bashobore kuyifashisha basenga bisunze Pawulo Mutagatifu. Buri munsi basoza igihe cyo kuzirikana bavuga ngo: "Mutagatifu Pawulo nsabira ku Mana iyi ngabire nkeneye". Twumvise kandi ko ingabire duhabwa ari izo kugirira bose akamaro: wasaba amagara mazima, wasaba ubushishozi cyangwa ikindi cyose, icya ngombwa ni ukwibuka ko ari ibyawe, bikaba n'ibyo kugirira bose akamaro. Ni icyo kenshi tutibukaga kubera ubwikunde busanzwe muri kamere muntu.

Padiri Emmanuel NYAMPATSI arakomeza atubwira ko umuntu ubwe, muri we, mu bitekerezo bye n'imigirire ye, akeneye kwisuganya akiyunga na we ubwe. Mu buzima haba byinshi biducubanganya, hari ibiduturukaho, hakaba n'ibiza bitugwirira bituruka ku bandi no mu byo ducamo bindi. Aradusaba "kudatiza umurindi icyago cyakubayeho, cyangwa icyaha wakoze, tukamenya kwakira ibyatubayeho, no kwiyakira mu byo tutagira icyo duhinduraho". Icyo adusaba si uguhebera urwaje ni ukubitwara nk'umukristu: ikigayitse ukakigaya, ikibabaje ukamenya ko cyabaye ariko atari yo

maherezo. Amaherezo ni ubugingo dukesha Yezu Kristu. Kugaya ikibi ntibivuga kwanga uwagikoze. Ni ukugira uti njye sinagenza nkawe. Ibyo twaba twaraciyemo byose, Pawulo aratubwira ati :
« Mwarokowe ubucakara bw'icyaha muhinduka abagaragu b'ubutungane »(Rom6,18). Uduha ubutungane ni Yezu Kristu. Kumwizera, cyane tukibuka ububabare yemeye kubera twe biradukomeza. Reka kandi tumwizere ni Umwana w'Imana Nyirimpuhwe na we nyine akaba Nyirimpuhwe. Nicyo gitera Pawulo Mutagatifu kwiyamirira avuga ati: " Haragasingizwa Imana, Se w'Umwami wacu Yezu Kristu, Umubyeyi w'impuhwe zose kandi utanga ihumure ryuzuye. Ni yo iduhumuriza mu magorwa yacu yose ikaduha natwe guhumuriza abashavuye bose, tubagezaho ihumure twiherewe n'Imana"(2Kor,1,3-4).

Iby'impuhwe z'Imana turabitekererezwa na Emmanuel HAKIZIMANA wagiriwe ubuntu na Nyagasani agashobora kujya mu nama mpuzamahanga ku Mpuhwe z'Imana. Mu magambo yamugeze ku mutima yashoboye gutahana mu nyigisho nyinshi zatangiwe muri iyo nama, hari aho aza kutubwira ibyavuzwe na Cardinal Backis, ugira ati: "Iyobera ry'Impuhwe z'Imana ni ubukungu bwa Kiliziya n'ubw'isi yose muri rusange". Ati : "Amaraso n'amazi byavubutse mu mutima we ni ikimenyetso cy'urukundo n'impuhwe bidashira Nyagasani yagaragarije abatuye isi". Imana ni Nyirimpuhwe zahebuje (Ef 2,4).

Izo mpuhwe z'Imana zitwiyereka ku buryo bwinshi iyo dushishoje tukareba ibiriho n'amateka yose. Urugero rumwe ni ukuntu Inkuru nziza yageze iwacu i Rwanda, izanwe n'abantu bake, batazi ururimi n'imico y'abo basanze, nyamara ikaba yarasakaye ikakirwa na benshi. Abo muri Paruwasi ya Murunda ubu barasingiza ibyo bitangaza by'Imana yimenyekanishije aho mu Kanage hakaba hashize imyaka ijana. Dufatanye nabo ibyo byishimo bya Yubile maze tuzasangire imbuto izaberera. Muri iyi minsi haravugwa Yubile nyinshi. Ntimukabyange! Burya ngo hanyurwa imfura. Abibuka bose ibyo Imana yabagiriye bakibuka gushimira baba bagize umutima wa gipfura, babitangariza abandi bakaba babahaye nabo uburyo bwo kubona ibyo byiza bya Nyagasani bakishimira hamwe.

Kiliziya umuryango w'Imana ntishimishwa n'amateka y'ibyatangiye kera gusa, ahubwo isingiriza Imana kuba n'ubu igitera mu mutima w'abato ibakwe ryo kuyiyoboka. Urubyiruko rw'Abanyamuryango w'Umutima Mutagatifu rwahuriye i Rwaza mu kwezi kwa Nyakanga rurabigaragaza. Madame Rosette KAMPOGO aratubwira iby'iryo huriro ry'urubyiruko.
Ni amizero ya Kiliziya.

Si abo gusa bahurira mu makoraniro badutera kwizera, hari n'abandi. Murisomera aho umwana ukiri mw'irerero ry'ababikira b'Ababernardine aduhanura mu byerekeye isengesho. Wa mugani ko : uwavukanye umutima mwiza, ubutwari cyangwa ubuhanga ntibitegereza imyaka.

Ni nabyo Jacques NTARUVUGIRO avuga iyo ataka Umusaserdoti mushya paruwasi Congo-Nil yungutse, ntamubonamo umwana uje kuharererwa, ahubwo ni amaraso mashya azatuma bose babadukana ishyaka ryo kwamamaza Inkuru nziza. Jacques aranakomeza akadusogongeza ku byishimo n'inyungu z'ubusabaniramana akesha umunsi wa Bikira Mariya ajyanwa mu ijuru, wahariwe guhuza abakristu baturutse muri paruwasi hafi ya zose za Diyosezi ya Nyundo. Yawubonyemo umunsi w'imihigo, akifuza ko paruwasi yagizwe umurwa wa Bikira Mariya yaba n'ingenzi, igahora imbere mu bukristu.

Aka gatabo k'Umusemburo w'Ubusabane, mbere y'uko katubwira amwe mu makuru yabaye muri Diyosezi, karatubwira ubuzima bw'umulayiki mwiza wabaye intwari mu kwitangira abandi. Uwo ni Gérard Gikeri, abenshi muzi kuko yageraga muri paruwasi zose agira inama abanyamuryango ba A.G.I. Yitabye Imana ku wa 03/11/2007 . Imana imuhe iruhuko ridashira kandi abo yafashije bazakomeze amatwara yabatoje bizabe uburyo bwo gukomeza umurage we no kurumbura imbuto zeze ku buzima bwe.

Ntitwasoza tutabasabye imbabazi kubera ugukererwa gukabije mu kubagezaho Akanyamakuru kanyu. Icyakora ikosa turarisangiye, twabasabye kenshi kutugezaho amakuru y'iwanyu n'ibindi bitekerezo kugira ngo twese dusabane, ariko byaranze. Abo dusaba imbabazi ni abigoye bakandika, inyandiko yabo igahera aho itegereje ko haboneka izindi. Ntibibace intege, bakomeze babere abandi urugero.

Ngaho rero twese uyu mwaka wa Pawulo Mutagatifu nudukanguremo umutima witangira ingoma y'Imana.

Ubwanditsi .

**PAWULO, URUGERO RWO GUHINDUKA NO GUKORERA IMANA.**

INTANGIRIRO

Ni nde mukirisitu wabasha guceceka; ntagire icyo avuga kuri Pawulo muri uyu mwaka Kiliziya yamuhariye; tuzirikana imyaka ibihumbi bibiri amaze avutse, kandi tuzirikana ubutumwa bwe? Ishyaka tumusangana mu gukorera Kristu nyuma y'uguhinduka kwe; si irya none; ryatangiye kuva kera; ritangirira mu idini rye rya Kiyahudi; aho ndetse yatoteje abakirisitu; arabicisha, kandi ibyo akabikora mu izina ry'ukwemera kwe! Nuko atoteza atyo; atabizi; Imana yibwiraga ko akorera!

Nyamara kubera urukundo n'impuhwe Nyagasani agira; azamwiyereka; amwereke n'uburyo nyabwo bwo kumukorera! Kuko ibyo byose ntabivuga mbivuye inyuma; nahisemo kuvuga kuri Pawulo; nabwo mu magambo make; kandi ngo bidufashe no kurangamira Imana; Yo idutoramo abantu b'intwari nka Pawulo, bityo izina ryayo rikamenyekana mu mahanga yose atuye isi! Mu kuvuga ibyerekeye Pawulo intumwa; nifashishije igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa kuva ku mutwe wa karindwi ahavuga iby'urupfu rwa Sitefano; kugeza ku mutwe wa cyenda aho bavuga iby'ihinduka rya Sawuli(Int7,54-9,31).Kumenya Pawulo Intumwa; ntibigombera kwiga amashuri menshi; bisaba gusoma kandi ukazirikana amabaruwa yandikiye amakoraniro atandukanye y'abakirisitu; kuko we ubwe yivuga uwo ari we; nyuma akavuga kandi akatwereka uwo yahuye na we; ari nawe ashaka kutumenyesha. Nta wundi wundi; ni Yezu Kristu.

1. URUGAMBA RURATANGIYE.

Abashinjaga Sitefano; bari barambitse imyambaro yabo imbere ya Sawuli (Intu7,58b). Birumvikana ko Sawuli ari we Pawulo; yari ashyigikiye ubwo bugambanyi; ndetse abufitemo uruhare rukomeye. Kubafasha imyenda nta kindi bivuze; ni nk'aho yagize ati: "turi kumwe; ndabashyigikiye"! Icyakurikiyeho; ni urupfu rwa Sitefano (Intu7,60).Ese Sawuli yari abifitemo uruhe ruhare? Dore uko Bibiliya itubwira:

-"Sawuli na we; yari mu bemeye ubwo bwicanyi"(Intu8,1).

-"Naho Sawuli we, agumya kuyogoza Kiliziya; akinjira mu mazu agafata abagabo n'abagore, akabashyira mu buroko"(Intu8,3).

-"Sawuli nta kindi yatekerezaga, kitari ukujujubya abigishwa ba Nyagasani"(Intu9,1).

2. SAWULI AHURA NA YEZU.

Sawuli aribwira ati:"Reka njye kuboha abiyambaza izina rya Kristu b'i Damasi; mbazane hano i Yeruzalemu". Kubera ko hari mu gihe cy'itotezwa; uruhushya rwo kujyayo yaruhawe n'Umuherezabitambo mukuru bitagoranye. Nyamara ubwo; Yezu na we yaravugaga ati:"Uriya n'ubwo ashyira ku ngoyi abambaza izina ryanjye; ngomba kumubohora kuko aboshye atabizi; nkamuha n'ubutumwa; abo yateraga kwiheba ahubwo ajye abahumuriza. Azaba kandi umwarimu w'amahanga"! Ari Sawuli na Yezu se; hazatsinde nde? Nta shiti ni Yezu; reka tubirebere hamwe:

Dore Sawuli arakataje; agannye i Damasi; ikimujyanye nta kindi; ni ukuboha abakirisitu. Nyamara ahuye n'umurusha imbaraga; none intege ze ziracitse, yikubise hasi. Ni nde bahuye? Ni Yezu. Aramubwiye ati:"Sawuli Sawuli urantotereza iki"?(Intu9,4).

Kuri Sawuli; ibintu birahindutse; amazi ntakiri ya yandi. Ibimubayeho ntibisanzwe. Ubwoba buramutashye; ariko agize ubutwari bwo kubaza: "Uri nde Nyagasani"? Kuri we; umuvugishije; utumye ibyo bimubaho, yamaze kumva ko atari umuntu usanzwe; ni igihangange. Niyo mpamvu amwita Nyagasani. Yezu na we ntamwirengagije amwibwiye agira ati:"Ndi Yezu uriho utoteza"(Intu9,5). Nyagasani amubwiriza icyo agomba gukora; Sawuli aracyubahiriza; nuko yongera kugarura imbaraga n'ubwenge. Erega ubu Sawuli yahindutse! Ntakiri mu by'abayahudi, agiye guhamya Kristu. Nyamara

mu mizo ya mbere; azahura n'ingorane zitoroshye, n'ubwo zitazamukoma imbere bwose. Abo abwira baramwishisha; ubanza bakeka ko ari ukubajijisha; ngo abone uko ababoha! Ni mu gihe kandi. Nawe ari wowe; ubanza ari uko wabikeka! Yari yarabakanze; kandi ibyari byamubayeho byo guhura na Yezu, ntabyo bari bazi. Nyamara Pawulo ntacika intege arakomeza; Kristu yamugwatiriye nta kumurekura ukundi, yamurushije amaboko.Sawuli na we yemeye gutwarwa; niko twabivuga.Iby'uko Sawuli yahuye na Yezu; soma Intu9,1-31).

Kuva ubwo Sawuli agenda amahanga yigisha ibya Yezu Kristu; ahura n'imvune n'imibabaro; atotezwa mu buryo bwinshi harimo no gufungwa! Nyamara nk'uko twabivuze; ibyo ntibyamucogoje, ahubwo byamwongereraga imbaraga; kuko n'aho yabaga ari mu buroko; yagiye ahandikira amwe mu mabaruwa ye tuzi!

Urugamba yariho ntirwari rworoshye; cyane i Yeruzalemu, kuko yagombaga guhangana n'abayahudi b'abakirisitu bari baragumanye umuco n'imyumvire bya Kiyahudi aho gutora umuco wa gikirisitu. Yagombaga kandi guhangana n'abayahudi batari abakirisitu bari bagitsimbaraye ku mategeko ya Musa,ndetse bamufataga nk'umugambanyi; nk'uwatatiye igihango. Yewe urwo rugamba ntirwari rworoshye; ni uko nyine Pawulo na we yari intwari idatsimburwa; kuko yari azi uwo yemeye; uwo bahuye!

3.MU BY'UKURI SE PAWULO NI MUNTU KI ?

Uretse ko n'ibyo twamaze kuvuga bigaragaza uwo ari we ; reka tugire icyo twongeraho ; cyangwa ukundi tubivuga : Abazi Pawulo, cyangwa se abacukumbuye iby'ubuzima bwe, bavuga ko Pawulo atari umuntu ukanganye mu gihagararo. Yewe ngo no mu mvugo ntiyari akanganye ; ugereranyije n'abandi bahanga bo mu gihe cye. Gusa ngo yari umuhanga pe ! Akaba umugabo utsimbarara ku gitekerezo cye ; no ku kintu cy'ingenzi. Uburyo yihambiriye kuri Kristu birabigaragaza. Ni mu gihe kandi ; kuko aho Kristu yatashye nta kinyoma kiharangwa ; harangwa n'ukuri. Muri Kristu nta gihombo ; haba urwunguko ;nta ntege nke haba imbaraga. Pawulo yagumanye uko kwizera, kugeza ubwo apfuye aciwe umutwe !

4. BYAGENZE BITE, IBY'AMAHEREZO YA PAWULO ?

Amateka atubwira ko mu gihe cy'itotezwa ry'abakirisitu i Roma ; Petero na Pawulo bari mu bahowe Imana bwa mbere. Pawulo nk'uko twabivuze haruguru ; ngo yaba yaraciwe umutwe. Yapfuye agikomeye ku kwemera. Bigaragarira no mu ibaruwa ye yanditse ubwa nyuma ariyo baruwa ya kabiri Pawulo yandikiye Timote; aho ababazwa cyane n'ingaruka z'itotezwa.

Pawulo avuga ko n'ubwo hatabuze abemera gupfa bahowe Imana; bakanga guhemuka rwose; hari n'abandi bahemukaga n'abahakanaga ukwemera kwabo.

5.PAWULO MU BUZIMA BW'UMUKIRISITU W'IBIHE BYOSE.

Hari ibintu byinshi twakwigira kuri Pawulo, reka tubivuge muri make:

-Pawulo ni umwarimu wacu twese; kuko ijwi rye rizakomeza kumvikana muri Kiliziya, rinyuze mu mabaruwa yanditse dusanga mu Byanditswe bitagatifu kandi dusoma kenshi.

-Nta wavuga ko yahindutse byimazeyo. Guhinduka ni ibya buri munsi, ni ibya buri kanya. Pawulo uko twamwumvise; ni urugero rwiza rwo kugarukira Imana; rwo kumva ijwi ryayo no kurikurikira ndetse no kurikurikiza.

-Pawulo ni urugero rw'ubutwari; ubutwari bukenewe muri Kiliziya. Ni intwari mu kwemera; mu kwizera; mu rukundo no mu budacogora. Ni urugero rwiza rero; mu rugendo rwacu rugana ijuru.

-Pawulo ni urugero rwo kwegukira Imana; no kwamamaza Yezu Kristu nta gusubira inyuma. Nta washidikanya kuvuga ko yari yarumvise ijambo rya Yezu Kristu aho agira ati:"Umuntu wese watangiye guhinga agasubiza amaso inyuma; uwo ntakwiye gukorera Ingoma y'Imana"(Lk9,62).

Ku bakirisitu b'iki gihe; twe duhimbaza Yubile y'imyaka 2000 Pawulo amaze avutse; uyu mwaka wakagombye kudusigira imigambi n'amatwara bishya; byo kuvugurura ubukirisitu bwacu.

6. UMWANZURO

Kuvuga Pawulo nk'intumwa y'amahanga ntibyoroshye; cyane iyo umuvuga uzirikana icyo yakunguye mu buzima bwawe n'icyo ukimutezeho. Uwasoma ibitabo yamumenyaho byinshi; ariko icy'ingenzi ni ubwo butwari bwo kwemera guhinduka; gukurikira no gukorera Kristu! Hafi y'amagingo

ye yo gusanga uwo yakoreye; yavuze ijambo rikomeye; icyazana ngo rijye riba irya buri mukirisitu wegereje kwitahira; agana iwacu h'ukuri.Yagize ati:"Urugamba rwiza narurwanye inkundura; intera nagombaga kwiruka narayirangije; ukwemera nagukomeyeho; none dore ikamba rigenewe intungane rirantegereje" (2Tim4,7-8a).

Diacre Antoine MUSABYIMANA
G.S. de Nyakibanda

## UBUZIMA N'INGENDO NYAMAMAZABUTUMWA BYA PAWULO MUTAGATIFU .

**Intangiriro** : Mu nyigisho ye, taliki ya 28 Kamena 2007, Nyirubutungane Papa Benedigito wa 16 yatangaje ko abakristu bakwitegura kwizihiza Yubile y'imyaka 2000 ishize Pawulo Intumwa avutse. Uwo Mushumba wa Kiliziya Gatolika amenyekanisha ku mugaragaro ko iyo Yubile izamara umwaka wose, igatangira taliki ya 28 Kamena 2008 ikazarangira taliki ya 29 Kamena 2009. Ubu tuyirimo rwose. Mbizirikanyeho, byatumye nibaza nti : ese Pawulo Mutagatifu ni muntu ki ? ubuzima bwe ni ubuhe ? ese yabukozemo ibiki ? Naje gusanga ubuzima bwe yarabukozemo ibintu byinshi. Muri byo naje kwifuza gusangira n'abakunda gusoma « Umusemburo w'Ubusabane » ibintu bibiri :

**1.Ubuzima bwa Pawulo Mutagatifu**

**2.Ingendo nyamamazabutumwa za Pawulo Mutagatifu.**

Ibyo nibyo murasanga muri iyi nyandiko.

1. UBUZIMA BWA PAWULO MUTAGATIFU

Mu ibaruwa yandikiye Filemoni (Filem1,9), ishobora kuba yaranditswe muri 62 nyuma y'ivuka rya Yezu Kristu, Pawulo ubwe avuga ko yari amaze kuba umusaza. Naho mu gitabo cy'ibyakozwe n'intumwa (Intu7,58), ubwo Pawulo (ubusanzwe witwaga Sawuli) agaragara bwa mbere muri Bibiliya, umwanditsi atubwira ko yari akiri umusore.Ubwo hari mu mwaka wa 36. Ibyo byatuma umuntu yatekereza ko Pawulo yavutse ahagana mu mwaka wa cumi(10) nyuma y'ivuka rya Yezu Kristu. Ntawashidikanya rero ko hashize imyaka 2000 Pawulo intumwa avutse, bityo tukaba twahimbaza isabukuru y'iyo myaka ishize avutse.

Aho amenyekaniye muri Bibiliya Pawulo yari azwi ku izina rya Sawuli (reba intu7,58;8,1;9,1).Iryo zina rikaba ryari mu rurimi rw'Igihebureyi, ari narwo yavugaga arukomora ku babyeyi be. Igihugu Pawulo yavukiyemo abahayoboraga bakoreshaga ururimi rw'Ikigereki.Umuntu wari uzi ibigezweho muri icyo gihe yagombaga gukoresha ururimi rw'Ikigereki. Uwari Sawuli yaje gufata izina rya Pawulo ubwo yari atangiye ingendo nyamamazabutumwa mu banyamahanga batari Abayahudi. Akitwa Sawuli mu gihebureyi, naho mu kigereki no mu kilatini akitwa Pawulo.

Pawulo yari yaravutse ku babyeyi b'Abayahudi kavukire, ibyo bigatuma agira ubwenegihugu bw'Abayahudi Ababyeyi be bari baranaguze ubwenegihugu bw'Abanyaroma. Umwana wavukaga ku babyeyi babuguze gutyo, ubwo we yabaga abuvukanye. Niyo mpamvu Pawulo atubwira ko we atigeze agura ubwenegihugu bw'Abaromani, ko we yabuvukanye (reba Intu16,37 ;22,28).

Mu bindi by'ubuzima bwe, Pawulo yavugaga ko ari Umuyahudi, wavukiye i Tarisi ho muri Silisiya, ubu ni mu gihugu cya Turukiya.Mu kuyoboka Imana kwe yari mu gace k'abitwaga Abafarizayi (reba Fil.3,5), arererwa mu mujyi wa Yeruzalemu yigishwa na Gamaliyeli wamutozaga gukurikiza amategeko (reba intu22,3). N'ubwo ntawe uzi neza imyaka Pawulo yamaze i Yeruzalemu yiga, birashoboka ko Pawulo atari agihari igihe Yezu yahigishirizaga kuva mu mwaka wa 28 kugeza mu wa 30. Nta kigaragaza ko yaba yarigeze amenyana na Yezu akiri hano ku isi.

Ahagana mu mwaka wa 36, ubwo abakristu batotezwaga, ndetse bakanica Sitefano, Pawulo nawe yari ahari. Yari no mu bemeje ubwo bwicanyi (reba intu8,1). Nyuma y'urwo rupfu, Pawulo yaje kumenya Yezu, aba umukristu w'imena. Uko bamenyanye tubisanga mu gitabo cy'ibyakozwe

n'Intumwa (reba intu9,1-31). Ishyaka yakoreshaga mu kujujubya abakristu yahise atangira kurikoresha mu kwamamaza Yezu Kristu wazutse.

Amaze imyaka 3 ahindutse, Pawulo yagiye i Yeruzalemu(reba Gal1,18). Yaje gusubirayo nyuma y'imyaka 14(reba Gal2,1). Abahanga mu kubara basanga Pawulo yaba yaragiye i Yeruzalemu bwa mbere ari umukristu mu mwaka wa 39.Ibindi byerekeranye n'ubuzima bwe turabisanga mu butumwa yagendaga akora.

2.INGENDO NYAMAMAZABUTUMWA ZA PAWULO MUTAGATIFU

Aho amenyeye Yezu Kristu, Pawulo yaretse ubugome bwo kurwanya abamwiyambaza, nawe aramuyoboka. Nyuma y'imyaka 3 amubonekeye, yagiye i Yeruzalemu, areba Petero, bamarana iminsi 15. Avuyeyo yagarutse i Tarisi(iwabo) ahamara imyaka igera kuri 6 asenga uko abishoboye. Birashoboka ko Yezu wari wamwihishuriye yagendaga amubwiriza n'ibindi mu isengesho yakoraga. Amaze gusobanukirwa n'icyo gukora, nibwo yatangiye ingendo nyamamazabutumwa. Izo ngendo ndende zakozwe inshuro 4.

*2.1. Urugendo nyamamazabutumwa rwa mbere (intu13-14).*

Urwo rugendo rwatangiye mu mwaka wa 45 rurangira mu wa 49. Mu ntangiriro yarwo, ubwo abakristu barimo basenga muri Kiliziya y'i Antiyokiya ho muri Siriya, Pawulo na Barinaba nabo bari muri abo. Roho Mutagatifu amenyesha abari aho ko Pawulo na Barinaba bajyanwa ukwabo, bagahabwa ubutumwa bagiye kuzakora (reba intu13,1-2). Birakorwa, birangiye bafatanya n'abandi isengesho ryo kubasabira, batangira urugendo.

Pawulo na Barinaba batangira berekeza i Shipure aho Barinaba yari yaravukiye. Bahafata mubyara wa Barinaba witwaga Yohani Mariko. Bakomeza berekeza i Salamine. Bahageze batangira kwigisha mu masengero yaho. Banyura i Pafo, bahagaragaza ko Yezu ariwe mukiza wenyine kandi ko bayobowe na Roho Mutagatifu (reba intu13,6-12), bagera muri Panifiliya. Yohani Mariko atandukana nabo, yisubirira i Yeruzalemu. Bavuye Panifiliya bagana i Antiyokiya ho muri Pisidiya.

Ku munsi w'isabato, Pawulo na Barinaba baje kujya mu rusengero rw'Abayahudi bene wabo, Pawulo arabigisha. Abasobanurira amateka y'umuryango wa Israheli, ageza no ku rupfu n'izuka by'Umukiza Yezu Kristu(reba intu13,16-41).Arangiza bamusaba ko ku isabato ikurikiyeho yazongera kubigisha. Ibyo ntibyaje gushoboka kuko abayobozi b'Abayahudi baje kumugirira ishyari babonye abantu baje kumwumva ari benshi.

Pawulo abamenyesha ko niba Abayahudi banze kwakira ayo magambo y'umukiro, ayashyiriye abanyamahanga (reba intu13,46). Iri jambo 'umunyamahanga'ryavugaga umuntu wese utari Umuyahudi, utaramenya Imana se cyangwa umupagani. Abanyamahanga baje kwakirana ibyishimo inkuru nziza y'umukiro (reba intu13,48). Pawulo na Barinaba bahamara umwaka umwe. Abayahudi babagirira ishyari barabamenesha.

Pawulo na Barinaba bahava bagana muri Ikoniyo, umugi wari uri nko kuri Km130 uturutse aho bari bavuye (Antiyokiya ya Pisidiya). Bawakirirwamo neza, ariko bitinze, hatangira kuvuka ababarwanya. Bituma bahava, bagana i Lisitiri, kuri Km37 uvuye Ikoniyo. Niho bahuriye na Timote. Bahakorera igitangaza (reba intu14,15) bituma babafata nk'ibigirwamana byabo, inyigisho zabo abantu baraziyoboka. Abayahudi batera Pawulo amabuye, bamukurubana inyuma y'umugi bibwira ko yapfuye.

Bava i Lisitiri bagana mu mugi wa Deribe wari kuri Km5 uvuye i Lisitiri. Barahigisha bigenda neza.

Batangira urugendo rwo guhindukira banyura Antiyokiya yo muri Pisidiya, bakomeza berekeza i Antiyokiya yo muri Siriya aho batangiriye. Baganira n'abakristu uko urugendo rwagenze, uko Imana yugururiye abanyamahanga irembo ry'ukwemera. Abo bakristu, abenshi bari Abayahudi, bumvisha Pawulo na Barinaba ko uwemeye wese Yezu Kristu, agomba no kwemera kugenywa nkabo.Kuko Pawulo yumvaga atari ngombwa kuba nyamahanga, kandi akumva babimutsindagira, yaje kuvuga ko azajya kugisha inama intumwa i Yeruzalemu. Intumwa zimaze kumugira inama, ashyira abakristu b'i Antiyokiya igisubizo anahamara iminsi abigisha.

*2.2. Urugendo rwa kabiri (intu15,36-18,22).*

Ubwo Pawulo yavaga i Yeruzalemu,bari bamuhaye abamuherekeza.Pawulo abasaba ko uwitwa Silasi asigara. Hashize iminsi Pawulo abwira Barinaba ko bagiye gusura abakristu bo mu ma Kiliziya bamenyesheje inkuru nziza, bakareba uko bameze (intu15,36). Pawulo ajyana na Silasi, Barinaba na Yohani Mariko nabo banyura ukwabo. Pawulo abo yasuraga yanabamenyeshaga ibyemezo byafatiwe i Yeruzalemu ku byerekeye abanyamahanga bayobotse Imana.

Nyagasani abonekera Pawulo amubwira ko agomba kujya i Masedoniya (reba intu16,9). Aho niho yahuriye na Luka umwanditsi w'Ivanjili n'igitabo cy'ibyakozwe n'Intumwa, batangira kugendana (intu16,10). Berekeza mu Bulayi, bakomereza muri Neyapoli, bahavuye bajya i Filipi, umugi mukuru wa Masedoniya.

Abayahudi bari bahatuye, bahuriraga inyuma y'umugi bagasenga. Pawulo na Silasi bajyayo, baganira n'abo bahasanze. Umugore witwa Lidiya n'umuryango we baremera, baba abakristu. Pawulo na Silasi bakiza n'umukobwa wari warahanzweho na Roho mbi, bituma bakubitwa, babajugunya mu buroko. Pawulo agaragaza ko afite ubwenegihugu bw'Abaromani, babafungura babasaba n'imbabazi.

Pawulo, Silasi na Luka berekeza i Tesaloniki. Bakajya bajya gusengera mu rusengero rw'Abayahudi, bakaganira ku ijambo ry'Imana. Pawulo akabumvisha ukuntu Kristu yagombaga kubabara, ariko nyuma yaho akazuka, Abayahudi n'Abagereki benshi baremera. Bamwe mu Bayahudi batahindutse bagambana kwica Pawulo na Silasi, ariko abahindutse batorokesha izo ntumwa, babahungishiriza mu burengerazuba bwa Tasaloniki ahitwa i Beroya. Naho bahahindura Abayahudi n'Abagereki benshi. Abatarahindutse batangira guhiga Pawulo. Ahungira ahitwa Atene.

Ageze Atene, Pawulo atangira kwigisha mu masengero. Yashengurwaga no kubona uwo mugi wuzuyemo ibigirwamana. Buri munsi akajya mu mayira akaganira n'abagenzi, byashoboka akajya impaka n'abahanga mu bya Filozofiya, cyane cyane abakurikizaga inyigisho za Epikuri n'aba nyasitowa. Nibwo bamutumije mu rukiko rwabo rwitwaga Areyopago, abasobanurira ubukristu icyo ari cyo, bamwe mu barugize barahinduka. Hashize igihe gito Pawulo agana i Korinti. Agezeyo yakirwa neza, buri sabato akajya kwigisha mu rusengero, indi minsi agafatanya imirimo yo mu rugo n'abari mu rugo yatahagamo rwa Akwila na Purisila. Bakoraga umwuga wo kuboha amahema.

Byaratinze Abayahudi batashakaga kwemera ko Yezu ari Umukiza baramurwanya (reba intu18,6). Ababwira ko agiye kwiyigishiriza abanyamahanga. Muri bo abenshi bagana Yezu Kristu. Pawulo yamaze umwaka n'amezi 6 i Korinti (intu18,11). Ubwo ni ukuva mu mpera z'umwaka wa 50 kugera mu ntangiriro za 52. Ubwo nibwo yandikaga amabaruwa 2 yoherereje Abanyatesaloniki.

Pawulo yavuye i Korinti agana i Efezi, akomeza agana Kayizariya asuhuza abakristu baho. Nyuma agaruka i Antiyokiya aho yahagurukiye ahamara igihe kirekire.

*2.3. Urugendo rwa gatatu (Intu18,23-21,16).*

Pawulo yarukoze kuva mu mwaka wa 53 kugera muri 58. Yari afite umugambi wo gusura Kiliziya zo muri Aziya, akagenda akomeza abakristu baho. Yaje gutinda gato muri Efezi, ahamara amezi atatu yigishiriza mu rusengero rwaho. Abiyitaga abakristu ariko barahawe gusa Batisimu ya Yohani Baptista abasobanurira neza ko bagomba guhabwa Batisimu ishingiye ku rupfu n'izuka bya Yezu Kristu (reba Rom6,3-6).“Bamaze kubyumva, babatizwa mu izina rya Nyagasani Yezu“(Intu19,5).

Hari bamwe mu Bayahudi bakomeje kunangira umutima banga kwemera, bakajya batuka izina rya Yezu. Bituma Pawulo yitandukanya nabo, ajya kwiyigishiriza ababasha kumwumva. Ahamara imyaka 2. Muri icyo gihe nibwo yandikaga ibaruwa ya mbere yoherereje Abanyakorinti. Amaze kuyibohererereza ashobora kuba ari bwo yaje kubasura. Agaruka i Efezi.Pawulo yavuye i Efezi yerekeza i Masedoniya, akomeza yerekeza mu bugereki. Ahamara amezi 3(reba intu20,3). Muri icyo gihe nibwo yanditse ibaruwa ya 2 yoherereje Abanyakorinti.

Yaje kwifuza kujya muri Siliya anyuze mu bwato ariko aza kumenya ko hari abantu bahigiye kumwicira mu nzira. Pawulo yiyemeza kongera kunyura muri Masedoniya agenda n'amaguru aho kunyura mu bwato. Luka we yaje nyuma n'ubwato bahurira i Torowadi. Luka yongera kugenda n'ubwato naho Pawulo agenda n'amaguru bahurira i Mileto.N'ubwo yifuzaga kubonana n'abakuru ba Kiliziya ya Efezi, yanze kunyurayo ngo adatinda muri Aziya kuko yihutiraga kuba ari i Yeruzalemu ku munsi mukuru wa Penekositi (reba Intu20,16). Ari i Mileto, Pawulo ahamagaza abakuru ba Kiliziya ya

Efezi, abibutsa uko bagomba gukorera Nyagasani bakurikije uko yabigenzaga, ababwira ko akomeje agana i Yeruzalemu aho ingoyi n'amakuba bimutegereje (reba Intu20,17-38).

Yageze i Yeruzalemu, abakristu bamwakirana ibyishimo byinshi(Intu21,17). Bidatinze Abayahudi baza kumurega ko yazanye n'Umupagani wo muri Efezi witwa Tirofino bagahumanya ingoro. Baramukubita, bashaka kumwica, umugaba w'ingabo abyumvise arahagoboka, aramutabara. Baje kumujyana kuburana imbere y'Inama nkuru, Pawulo yikuramo ababwira ko ahorwa kuba yizera izuka ry'abapfuye(reba Intu23,6). Abagize iyo Nama barashwanye, havuka amakimbirane hagati y'Abafarizayi n'Abasaduseyi."Kubera ko amakimbirane yarushagaho gukomera, umugaba w'ingabo atinya ko bari butanyaguze Pawulo, niko gutegeka abasirikari ngo bamanuke bamuvane hagati yabo, bamusubize mu kigo cyabo"(Intu23,10).

Bamwe mu Bayahudi bahiga ko bamwica byanze bikunze. Mwishywa wa Pawulo amenya iby'iyo migambi, abimenyesha umugaba w'Ingabo, nawe yohereza Pawulo i Kayizariya aherekejwe n'abasirikare. Umutware Feligisi amenya ko Pawulo yahageze, amufunga imyaka ibiri(58-60).(reba Intu24,27).

*2.4. Urugendo rwa kane ari narwo rwa nyuma.*

Mu mwaka wa 60, Pawulo ni bwo yatangiye urwo rugendo rugoranye cyane, kuko igihe kirekire yari afunze. Muri uwo mwaka, umutware Feligisi yaje gusimburwa n'uwitwa Fesitusi. Uyu yaje kubaza Pawulo niba yemera kuba yajya kuburanira i Yeruzalemu, Pawulo asubiza ko ari mu rukiko rwa Kayizari, ko ariho agomba gucirwa urubanza. Abonye ko ashobora guhohoterwa, akarenganywa, ajuririra kwa Kayizari. Bamaze kwemera ukujurira kwe, Pawulo n'izindi mfungwa babaha abasirikare bagomba kubajyana i Roma. Mu mutwe wa 27 w'igitabo cy'ibyakozwe n'Intumwa batubwira uko urugendo rwabo rwagenze.

Bageze i Roma mu mwaka wa 61. Pawulo amara imyaka 2 afungiwe mu mugi wa Roma, mu nzu yari yarakodesheje, yakiriragamo uwabaga amukeneye wese (reba Intu28,16.30). Akajya yigisha abantu kandi ni naho yandikiye amabaruwa twita ayo "mu buroko". Ayo mabaruwa ni aya: iyo yandikiye Abanyakolosi, Abanyefezi, iya Filemoni n'iyo yandikiye Abanyafilipi.

Abanzi be bari bazi ko badashobora kumutsinda mu rukiko rwa Kayizari, ntibigeze bazayo. Hashize igihe cyagenwe n'amategeko cy'imyaka 2, Pawulo baramurekuye.

Abahanga mu bya Bibiliya ntabwo bamenya neza uko byagenze nyuma y'icyo gihe. Ariko yigeze agira icyifuzo cyo kujya muri Hisipaniya (reba Rom15,24-25).
Ashobora no kuba yarasubiye i Efezi, agakomeza yerekeza mu kirwa cya Kireta (reba Tito 1,5).Ibarwa ya mbere yoherereje Timote n'iyo yoherereje Tito zandikiwe i Masedoniya ahagana mu mwaka wa 65. Mu ibaruwa ye ya 2 yandikiye Timote, Pawulo atubwira ukuntu yongeye gufungirwa i Roma (gufungwa kwa 2). Ubwo buroko bwaramugoye cyane kurusha ubwa mbere (reba 2Tim1,8.12). Iyo baruwa yanditswe mu mwaka wa 67.Pawulo yabonaga ko amaherezo y'uko gufungwa ari urupfu rwari rumutegereje (reba 2tim.4,6-8). Abenshi batekereza ko Pawulo yaba yarahitanywe n'itotezwa ry'abakristu, ryakozwe n'Umwami Neroni mu mwaka wa 67. Nuko iyo ntore y'Imana itabaruka ityo.

UMWANZURO

Mu buzima bwe, Pawulo mutagatifu yaranzwe no gukunda Imana. Ataramenya ko Yezu ari Umwana w'Imana waje kudukiza, yarwanyije cyane abamuyobotse. Aho amenyeye ko Yezu ariwe Mukiza, ko utoteje umukristu aba ari we atoteje kandi ko utoteje Yezu aba atoteje n'uwamutumye, Pawulo yaretse urwo rugamba rubi, atangira urwiza. Agaragaza umurava mwinshi mu kwamamaza Yezu Kristu; ahera ku bayahudi ariko yibanda cyane cyane ku banyamahanga. Ashinga ama Kiliziya menshi ndetse akajya asubirayo no kubasura mu ngendo ndende cyane yagiye akora.

Uko yamamazaga Yezu siko yashimwaga n'abantu bose. Abayahudi by'umwihariko ntabwo babyishimiraga. Bigatuma bamuhiga. Yakubiswe kenshi, aterwa amabuye, ajyanwa mu nkiko, arafungwa, ariko ntiyigera areka guhamya Yezu Kristu yamenye. Nta mwanya we wapfaga ubusa, igihe cyose yafataga umugambi w'icyo kugikoramo. Mu ngendo ze aho yabashaga gutinda gatoya abigisha yahandikiraga n'amabaruwa yo kohereza abandi bakristu, abibutsa ibyo yabigishije, abakomeza cyangwa abasobanurira neza ibyo batumva kimwe. Ibyo yabonaga nawe atumva, Pawulo yagishaga

inama abamukuriye mu butumwa: INTUMWA. Mu byishimo no mu kababaro, Pawulo Mutagatifu yagaragaje ubutwari bw'urukundo wakunda uwagukunze.

UMUGEREKA: INCAMAKE Y'IBIHE BY'INGENZI BY'UBUZIMA BWA PAWULO.

*Ahagana mu mwaka wa 10: Pawulo yavukiye i Tarisi ho muri Siriya.
*Mu buto bwe, Pawulo yarerewe i Yeruzalemu mu ishuri rya Gamariyeli.
*Ahagana mu mwaka wa 36: Pawulo nibwo yahuye na Yezu aramubonekera ubwo yajyaga i Damasi.
*36-39: Pawulo yagiye i Damasi na Arabiya.
*39: Pawulo yagarutse i Yeruzalemu kureba Petero, bamarana iminsi 15.
*39-43: Pawulo yari iwabo i Tarisi ho muri Silisiya.
*43-44: Pawulo na Barinaba bari i Antiyokiya ho muri Siriya.
*45-49: Pawulo na Barinaba bakoze urugendo nyamamazabutumwa rwa mbere.
*49: Pawulo yagiye i Yeruzalemu kureba intumwa ngo zimugire inama ku bibazo yari yarahuye nabyo.
*50-52: Pawulo, Barinaba na Silasi, bakoze urugendo rwa kabiri. Batinze i Korinti, bahamara umwaka n'igice. Muri icyo gihe nibwo Pawulo yandikaga urwandiko rwa mbere n'urwa kabiri yoherereje Abanyatesaloniki.
*53-58: Pawulo yakoze urugendo nyamamazabutumwa rwa gatatu. Yatinze i Efezi (kuva mu mwaka wa 54 kugera muri 57). Aho niho yandikiye amabaruwa akurikira: Abanyagalati, iya mbere y'Abanyakorinti. Ajya gusura Abanyakorinti mu mwaka wa 57. Nyuma yaho ajya kuba i Masedoniya amarayo amezi atatu. Ahandikira ibaruwa ya kabiri yoherereje Abanyakorinti. Mu mezi ya nyuma y'umwaka wa 57 n'atangira umwaka wa 58, Pawulo yasubiye gusura Abanyakorinti, ahandikira ibaruwa yoherereje Abanyaroma.
*Nyuma ya Pentekositi ya 58: Pawulo yafungiwe i Yeruzalemu.
*58-60: Pawulo yagiye gufungirwa i Kayizariya.
*60-61: Pawulo bamujyanye i Roma kuburanirayo.
*61-63: Pawulo yari afungiwe i Roma bwa mbere. Icyo gihe nibwo yandikiye Abanyakolosi, Abanyefezi, Abanyafilipi na Filemoni.
*63: Babaye bamufunguye. Birashoboka ko yagiye muri Hisipaniya.
*Ahagana muri 65: Pawulo yabaye i Efezi, i Kireta, n'i Masedoniya. Ahandikira ibaruwa ya mbere ya Timote n'iya Tito.
*Ahagana muri 67: Pawulo yafunzwe ubwa kabiri i Roma. Icyo gihe nibwo yanditse ibaruwa ya kabiri yoherereje Timote.

Nyuma yaho aratabaruka.

Fratri KUBWIMANA François

## NOVENI YA MUTAGATIFU PAULO

*NDLR : Turashimira Pallotti-Presse yaduhaye uburenganzira bwo gutangaza mu Umusemburo w'Ubusabane iyi Noveni ya Mutagatifu Paulo, ibanzirizwa n'ijambo ry'ibanze rya Padiri Fransisko Harelimana, sac. Ubwanditsi bw'Umusemburo w'Ubusabane bwashyize hagati y'iryo jambo ryanditse neza na Noveni nyirizina, uburyo bwadufasha gukoresha neza iyi Noveni.*

*Tubifurije mwese kuhungukira byinshi mu kumenya Mutagatifu Paulo, kumufataho urugero no kuyoborwa n'inyigisho ze.*

### Ijambo ry'ibanze

TWIYAMBAZE MUTAGATIFU PAWULO DUKORA NOVENI

Ubwo Papa Benedigito wa XVI yatangizaga ku mugaragaro umwaka wahariwe Pawulo Mutagatifu, hari mu isengesho rya nimugoroba ku itariki ya 28 Kamena 2008, yavuze ko muri ibi bihe, Kiliziya ikeneye abahamya bashize amanga kandi bitanga koko nka Pawulo Mutagatifu. Uyu mwaka wose (kugeza ku itariki ya 29 Kamena 2009) tuzarushaho kugendera ku rugero rwe mu bunywanyi na Yezu Kristu, mu busabane bwa kivandimwe no mu bikorwa by'ikenurabushyo.

**Ariko se Pawulo ni nde ?**

Igihe yari ageze i Yeruzalemu ajyanywe no kureba izindi ntumwa za Yezu, yafatiwe mu ngoro ; ariko yari yaraburiwe n'Umuhanuzi wo muri Yudeya ko bizamugwirira, yiyemeza kujyayo yiteguye gutanga ubuzima bwe ahorwa izina rya Nyagasani Yezu (Intu 21,10-13). Bakimara kumufatira mu ngoro, yahawe ijambo ngo yiregure. Mu kwiregura kwe rero aragaragaza uwo ari we koko: "Ndi Umuyahudi, navukiye i Tarisi ho muri Silisiya, ariko narerewe muri uyu mugi (Yeruzalemu) ; nigishwa na Gamaliyeri, antoza byuzuye kwita ku Mategeko y'Abasokuruza…(reba Intu.22,3-21). No mu rwandiko yoherereje Abanyafilipi, aravuga uwo ari we nk'umuntu wizihiwe no gukurikiza ubutungane bw'ukuri : « Jyewe ubwanjye simbuze impamvu zo kwiringira iby'umubiri, ndetse nzirusha uwo ari we wese wabyiringira : jyewe nagenywe ku munsi wa munani, nkaba uwo mu muryango wa Israeli no mu nzu ya Benyamini, Umuhebureyi ukomoka ku Bahebureyi, n'Umufarizayi mu byerekeye amategeko ! Ku byerekeye umwete, natoteje Kiliziya ; naho ku byerekeye ubutungane bukeshwa amategeko, simpinyuka

(Fil 3,4-6). Mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, tuhasanga ku buryo burambuye iby'ubuzima bwe : uko yabanje gutoteza abakristu, iby'ihinduka rye n'iby'ingendo ze yamamaza Ivanjili.

Kuba yarabayeho mu bihe bya mbere bya Kiliziya, Mutagatifu Pawulo, ari we Sawuli, yitangiye Kiliziya ku buryo butangaje. Niyo mpamvu abakristu b'ibihe byose badahwema kumwigiraho ubwitange kubera Ingoma y'Ijuru. Abatagatifu benshi bamukurikiye, buri wese ku giti cye, bamukuyeho byinshi byatumye babasha kuba urumuri n'umunyu w'isi. Hari benshi bitagatifuza bagendeye ku bikorwa n'inyigisho ya Pawulo Mutagatifu ; mbese uwiyemeje kumubona nk'umwarimu w'ubuzima bwe aba ahisemo inzira ikomeye ariko nziza yo kwishushanya na Kristu.

**Umukristu yagendera ate ku rugero rwa Pawulo Mutagatifu ?**

Uwinjiye mu ishuri aba yiyemeje kwiyungura ubwenge, bityo gahunda bamuhaye akayigira iye kandi akagira imyitozo akora ngo arusheho gufata. Umukristu wifuza koko kugendera ku nama za Pawulo, agomba gusoma inyandiko ze, ni ukuvuga amabaruwa ye dusanga muri Bibiliya, akabigira nk'ifunguro rya buri munsi. Intego yagenderagaho mu buzima bwe, tuyigire iyacu : Urukundo rwa Kristu ruraduhihibikanya (2 Kor.5,14). Mu kwamamaza Ivanjili kwe, Pawulo ntiyigeze yita na rimwe ku kintu cyose cyaba gitandukanya abantu : byaba ubwenegihugu, amoko, ururimi n'ibindi. Koko rero urukundo rusanganyije byose na bose.

Pawulo Mutagatifu tumwigireho urukundo rwitangira abandi, ntirugire ishyari ; tumwigireho urukundo rutagira inzika ntirwishimire akarengane ; tumwigireho urukundo rubabarira byose rukihanganira byose ; tumwigireho urukundo rutera ishema ryo kuba abakristu n'ubwira bwo kwamamaza Inkuru Nziza (reba 1 Kor 13,1-13). Ahari urukundo ntihaba hakirangwa ubwitandukanye hagati y'umuyahudi n'umugereki, umucakara n'umwigenge, abanyenduga n'abakiga, abahutu, abatutsi n'abatwa… kuko buri wese ari urugingo rw'umubiri umwe wa Kristu (reba 1 Kor .12, 12-30). Pawulo Mutagatifu ntatinya kwita « umwanda » ibyo twibwira ko biduhesha agaciro n'icyubahiro kandi bidutandukanya na Kristu n'abavandimwe. Kuri we icyiza gisumba byose ni ukumenya Yezu Kristu Umwami wacu (reba Fil 3,4-21).

Nk'uko Pawulo abivuga, buri wese afite ingabire zagombye kugirira Kiliziya yose akamaro. Ni yo mpamvu agira ati : « koko rero, buri wese ahabwa kugaragaza ibyo Roho w'Imana amukoreramo, ngo bigirire akamaro bose » (reba 1 Kor 12,7). Umukristu wese yagombye kwibaza inzira yanyura ngo urukundo rwa Kristu rukure kandi agahihibikanira gutanga umuganda we kugira ngo ubucunguzi yatuzaniye bugere kuri bose. Kwitagatifuza rero ni ukumenya Yezu Kristu, ukamukunda kandi ukishushanya nawe ndetse ukifatanya n'izindi ngingo z'Umubiri we(Kiliziya) kugira ngo ingoma y'urukundo n'amahoro isagambe.

Mutagatifu Visenti Pallotti yagendeye cyane ku nyigisho za Pawulo Mutagatifu, bituma agira igitekerezo cyo gushinga Umuryango w'Iyamamazabutumwa Gatolika nk' « Umubiri nyunganizi wa Kiliziya », maze awuha inshingano zo kunganira Kiliziya mu kubyutsa ukwemera, gukongeza umuriro w'urukundo rwa Kristu, no kubyamamaza hose kugira ngo dutebutse umunsi abantu bose bazaba bayoborwa na Kristu, nk'umukumbi w'intama uyoborwa n'Umushumba umwe (Yoh.10,16).

Twese kandi duhamagariwe kuba abatagatifu. Birakureba nawe !
Abo twita abatagatifu ubu, na mbere y'uko Kiliziya yemeza ko ari ingero z'ubutagatifu koko, bari abantu basanzwe nkatwe twese. Gusa bamenye kubaho mu rukundo rutaryarya no mu busabane busendereye na Kristu. Urugero rwa Pawulo twiyibutsa kurushaho uyu mwaka, rudushishikaze. Iyo Ntumwa y'amahanga, n'ubwo yize iby'iyobokamana, yize umwuga w'amaboko wo kuboha amahema (Intu.18,3). Nta nubwo ndetse yakuze ari umukristu, ahubwo yari umufarizayi. Nyamara amaze guhinduka, yavuye mu bufarizayi bwatotezaga abakristu, maze atangira urugendo rwo kogeza Ivanjili.

Natwe dufite uko duhura n'Imana mu rugendo rwacu rw'ubuzima ; haba mu burere duhabwa, mu nyigisho zinyuranye ziduhugurira kumenya no kwakira Yezu, ndetse no mu ngorane twigiramo gusangira umusaraba na Yezu… Buri wese agira igihe cy'urumuri rumufasha kumenya Yezu no gukeneka ibitari we. Ni nabwo rero inyota n'urukundo rw'iby'ijuru biduhindura nk'abagenzi kuri iyi si ; tukumva ntacyo twiziritseho ngo kitubuze gusangiza abandi ibyiza by'Imana y'urukundo n'impuhwe nyinshi. Erega ni uku ibikorwa bisanzwe bicengerwamo n'urukundo n'impuhwe, bikabera abandi ubuhamya bw'Ivanjili.

Ntidukwiye rero gutinya kubaho tugendera ku mahame ya gikristu, kuko nta gihombo bitera rwose. Ikintu gikomeye kandi gishimishije, ni uko ubukristu nyakuri, butari ubwo ku izina, bugira inyiturano muri ubu buzima ndetse n'ubuzaza. None se hari ikiza nko kugira urukundo, haba mu byo tuvuga cyangwa dukora.

Ururimi rukunda, ruzira ikinyoma, ruzira igitutsi, ruzira gusebanya, ruzira kurimanganya, ntawe uzarushinja. Pawulo yaharaniye ukuri, maze atyariza ururimi rwe kwamamaza inkuru nziza.

Noveni yo kwiyambaza Pawulo Mutagatifu idufashe kurushaho gutwaza ngo dusingire Yezu Kristu (Fil 3,12). Mu minsi icyenda uzamara usaba Imana ingabire wifuza, uzabona umwanya mwiza wo kuzirikana ku buzima n'inzandiko za Pawulo Mutagatifu. Uwazampa ngo amabango menshi agukore ku mutima, agutere ibakwe n'ubwuzu bwo kwamamaza Inkuru nziza.

Gira Noveni nziza n'umwaka muhire wahariwe Intumwa Pawulo.

Padiri Fransisko HARELIMANA, sac

UBURYO BWADUFASHA GUKORA NEZA IYI NOVENI

1°. Kubanza gusoma isomo riteganyijwe nibura incuro ebyiri, witonze, wakira ibisomwa; bikaba bityo no kuri zaburi.
2°. Gusoma isengesho ry'uwo munsi, tukumva ibikubiyemo.
3°. Kuganira ku byo tumaze gusoma. Ibiri mu isengesho bihuriye he n'isomo na Zaburi?
4°. Twebwe se biratubwira iki ?
Cyangwa jyewe bimbwiye iki niba ukora Noveni wenyine.
5°. Guceceka umwanya, uzirikana ibyasomwe n'ibyo mwunguranyeho ibitekerezo.
Gushaka indirimbo yabafasha ihuje n'ibyo mwazirikanye.
6°. Kuvuga isengesho riteganyijwe uwo munsi (twari twarisomye mbere twumva ibitekerezo birimo) noneho koko buri wese arigire irye.
7°. Kwongera guceceka akanya. Buri muntu abwira Pawulo Mutagatifu ingabire yifuza ko amusabira ijyanye cyane cyane n'ibyazirikanwe.
8°. Kuvuga amasengesho asoza uko ateganyijwe.
9°. Kuvuga ibisingizo bya Pawulo Mutagatifu.

Musoza Noveni, muzandike ibyo mushimira Imana mwungukiye muri iyi Noveni. Abantu bazatinyuke babitangire ubuhamya. Mushobora no kuzabyandikira Umusemburo w'Ubusabane.

**UMUNSI WA MBERE**

GUHINDUKA BINONOSOYE

**Amasomo :** Int 9, 1-20 ; Zab.51

**Isengesho :**
Mutagatifu Pawulo, ku nzira ujya i Damasi, wahuye na Yezu Kristu, mu gihe wari urimo ugurumana umujinya wo gutoteza abakristu. Nk'uwatotezaga abakristu waje guhinduka maze uba umuhamya udakuka w'urukundo n'impuhwe bitagereranywa bya Yezu. Wowe Ntumwa nkuru, nsabira kuri Yezu kugira ngo mbashe guhinduka binonosoye, gutsinda ingeso mbi zanjye, gutsinda ibishuko no kwizirika ku Isakramentu rya Penetensiya.

*Mutagatifu Pawulo, nsabira ku Mana iyi ngabire nkeneye……..*

Dawe uri mu ijuru (x1) ; Ndakuramutsa Mariya (x3) ; Hubahwe Imana…(x1).

**UMUNSI WA KABIRI**

GUSHISHOZA UGUSHAKA KW'IMANA
**Amasomo :** Gal 1,13-24; Zab.95
**Isengesho :**
Mutagatifu Pawulo, igihe wari i Damasi, wahungiye mu butayu bwo muri Arabiya kugira ngo ushobore kubona akanya ko gushishoza icyo Imana igushakaho mu buzima bwawe. Muri ubwo butayu, Imana ubwayo yarakuvugishije nk'uko byagendekeye Musa. Nsabira kuri Yezu kugira ngo nanjye ngire umutima utega amatwi, impano yo gushishoza, kwiringira Imana no gushyira imbere buri gihe ugushaka kw'Imana mu mwanya w'ugushaka kwanjye. Mfasha gusobanukirwa neza ingabire nkeneye ubu.

*Mutagatifu Pawulo, nsabira ku Mana iyi ngabire nkeneye……..*

Dawe uri mu ijuru (x1) ; Ndakuramutsa Mariya (x3) ; Hubahwe Imana…(x1).

**UMUNSI WA GATATU**

KWIHANGANIRA IBIDUCA INTEGE
**Amasomo :** Int.9, 22-30; Zab.41
**Isengesho :**
Pawulo Mutagatifu, ibuka igihe wihakanwe n'abo mwakoranaga. Bamwe bajyaga inama yo kukwicisha naho abandi bigira inama yo kuguta. Muri ibyo bihe by'amagorwa ntabwo wihebye, wakomeje kwizera Imana. Sabira kuri Yezu abantu bose bagambanirwa na bagenzi babo, abihebye ndetse n'abumva ko batereranwe. Sabira abo ubucuti bwabo bwazimiye, abashakanye batandukanye kugira ngo twese dushobore gushyira mu bikorwa ijambo rya Yezu :
"Nimukundane nk'uko nanjye nabakunze".

*Mutagatifu Pawulo, nsabira ku Mana iyi ngabire nkeneye……..*

Dawe uri mu ijuru (x1) ; Ndakuramutsa Mariya (x3) ; Hubahwe Imana…(x1).

**UMUNSI WA KANE**

UBUMWE N'UBWIYUNGE
**Amasomo:** Fil 2, 1-11 ; Zab.24
**Isengesho:**

Pawulo Mutagatifu, wowe waharaniye ubumwe n'ubwiyunge mu bakristu bavaga mu Bayahudi no mu bandi bakomokaga mu banyamahanga, rebana impuhwe iyi si yacu yugarijwe n'amacakubiri, ubwironde, iterabwoba, intambara,... Sabira kuri Yezu ibihugu byose biri mu ntambara n'abantu bose badafite ubwisanzure nyakuri. Sabira ku buryo bw'umwihariko abantu bose bitangira igikorwa cy'ubumwe n'ubwiyunge.

*Mutagatifu Pawulo, nsabira ku Mana iyi ngabire nkeneye……..*

Dawe uri mu ijuru (x1) ; Ndakuramutsa Mariya (x3) ; Hubahwe Imana…(x1).

**UMUNSI WA GATANU**

ABARWAYI

**Amasomo:** 2 Kor 12, 7-10; Zab.88

**Isengesho**:

Pawulo Mutagatifu, mu burwayi bwawe ntabwo washidikanyije ahubwo witangiye kugeza Inkuru Nziza ku Banyagalati. Usibye n'ibi, washoboye kwihanganira igihe kirekire indwara wari ufite : umumalayika wa Shitani wahoraga akubabaza. Sabira kuri Yezu abantu bose barwariye mu bitaro binyuranye, abafite indwara zidakira, abadafite uburyo n'ubushobozi bwo kwivuza, abakora ubushakashatsi bw'inkingo n'imiti mishya. Abo bose basabire kugira ngo Yezu, we muganga w'ukuri, abatere imbaraga.

*Mutagatifu Pawulo, nsabira ku Mana iyi ngabire nkeneye……..*

Dawe uri mu ijuru (x1) ; Ndakuramutsa Mariya (x3) ; Hubahwe Imana…(x1).

**UMUNSI WA GATANDATU**

ITANGAZAMAKURU

**Amasomo** : Int.19,17-20; Zab.8

**Isengesho**:

Pawulo Mutagatifu, i Fezi washoboye kubona uburyo Inkuru Nziza ya Kristu yatsinze inkuru mbi, itangazamakuru ribi ryatangazaga igihe ibitabo by'ubuyobe byatwikwaga. Muri iyi minsi haracyariho abantu bagikoresha itangazamakuru mu gukwirakwiza ibitekerezo bidahwitse, biyobya imbaga y'Imana. Wowe, Ntumwa y'akataraboneka, sabira kuri Nyagasani abantu bose bakora mu itangazamakuru: abanyamakuru, abasomyi, abakurikira ibitangazamakuru binyuranye ndetse n'abashinzwe ibyo bitangazamakuru.Dusabire kugira ngo ibinyamakuru byandikwa, ibitabo, radiyo, televiziyo ndetse n'irindi tumanaho rigezweho ubu, bibe koko umusemburo w'ukuri n'iterambere nyaryo ry'ikiremwamuntu.

*Mutagatifu Pawulo, nsabira ku Mana iyi ngabire nkeneye……..*

Dawe uri mu ijuru (x1) ; Ndakuramutsa Mariya (x3) ; Hubahwe Imana…(x1).

**UMUNSI WA KARINDWI**

IFUNGWA

**Amasomo :** Ef.4,1-6; Zab.77

**Isengesho**:

Pawulo Mutagatifu, igihe wari mu icuraburindi rya gereza, ukwizera kwawe ntikwahungabanye. Washoboye kumva kandi wamamaje ko Inkuru Nziza ya Yezu Kristu ariyo ituma tugira ubwigenge nyakuri kabone n'iyo uyamamaza yaba aboshye. Sabira kuri Nyagasani abantu bose bari muri za gereza cyane cyane abafungiwe ahantu hadashobotse ndetse n'abafungiwe akarengane. Basabire kugira ngo ukwemera kwabo kudasubira inyuma, kugira ngo Ijambo ry'Imana rigira riti: "ntimugatinye abashobora kwica umubiri ariko ntibashobore kwica roho"rikomeze kubabera inkingi begamira.

*Mutagatifu Pawulo, nsabira ku Mana iyi ngabire nkeneye……..*

Dawe uri mu ijuru (x1) ; Ndakuramutsa Mariya (x3) ; Hubahwe Imana…(x1).

**UMUNSI WA MUNANI**

ABATISHOBOYE N'ABAKENE BOSE

**Amasomo** : Fil.4,9-13 ; Zab.112

**Isengesho**:

Pawulo Mutagatifu, wakomeje kuba indahemuka mu bihe by'uburumbuke ndetse no mu bihe by'inzara. Haba inzara, inyota, ubukene cyangwa se ubutindi ntibyashoboye kugutandukanya n'urukundo rwa Kristu. Rebana impuhwe abantu bose batishoboye n'abakene b'ingeri zose: abicwa n'inzara, abahembwa umushahara muto cyane, abadafite aho bikinga, abana bo mu mihanda, abasabiriza, abatagira akazi n'abandi bose babaho nabi. Basabire kugira ngo muri izo ngorane zose barimo batigera bihakana ukwemera bifitemo muri Kristu kandi bashobore kubona uburyo bwiza bwo gusohoka mu bizazane byabo bya buri munsi.

*Mutagatifu Pawulo, nsabira ku Mana iyi ngabire nkeneye……..*

Dawe uri mu ijuru (x1) ; Ndakuramutsa Mariya (x3) ; Hubahwe Imana…(x1).

**UMUNSI WA CYENDA**

ABAMAMAZA INKURU NZIZA

**Amasomo** : 2 Kor 11, 23-31 ; Zab.27

**Isengesho :**

Pawulo Mutagatifu, wowe wamamaje Inkuru Nziza ya Yezu Kristu ku buryo bw'indashyikirwa igihe wajyaga mu mahanga yose kugira ngo uhatangaze ukwemera, ukwizera n'urukundo bituruka ku Mana. Sabira kuri Kristu abantu bose bamamaza Inkuru Nziza cyane cyane abari mu ngorane zinyuranye. Sabira ku buryo bw'umwihariko abamamaza Inkuru Nziza ya Kristu mu bihugu aho abakristu bakiri bakeya cyane ndetse n'aho abakristu badahwema gutotezwa. Dusabire kugira ngo Roho Mutagatifu akomeze gutuma mu mitima myinshi y'abemera Imana hagurumanamo umuriro wo kwitangira umurimo wo kwamamaza Inkuru Nziza ku isi hose no mu bihe byose.

*Mutagatifu Pawulo, nsabira ku Mana iyi ngabire nkeneye……..*

Dawe uri mu ijuru (x1) ; Ndakuramutsa Mariya (x3) ; Hubahwe Imana…(x1).

**UMWANZURO N'UBUHAMYA**

.....
.....
.....

.....
.....
.....
.....
.....

**IBISINGIZO BYA MUTAGATIFU PAWULO**

Rukundo rw'Imana Data *Udukize*
Nema ya Yezu Kristu *Tugurumanemo*
Busabane bwa Roho Mutagatifu *Dutagatifuze*
Mutagatifu Pawulo, *Udusabire*
Wowe Imana yagiriye impuhwe,
Wowe Umwana w'Imana yigaragarije,
Wowe wabaye igikoresho cy'indashyikirwa mu murimo wa Kristu,
Wowe wamamaje ukuri, intumwa n'umuhanga w'amahanga,
Wowe ubutumwa bwemejwe n'ibitangaza,
Wowe wabaye intumwa y'indahemuka ya Kiliziya,
Wowe wahaye amahanga Inkuru Nziza ya Kristu n'ubuzima bwawe,
Wowe wazirikanye buri gihe abakristu mu mutima wawe ndetse n'igihe wari imbohe,
Wowe wahambwe hamwe na Kristu,
Wowe Kristu yari yituriyemo kandi akigaragarizamo,
Wowe utarashoboraga kwitandukanya n'urukundo rwa Kristu,
Wowe wihanganiye gereza ndetse n'indi mibabaro,
Wowe wihanganiye ibikomere n'akaga k'amoko yose,
Wowe weretswe iby'ijuru igihe wari ukiri muri ubu buzima,
Wowe wahesheje agaciro umurimo wa gitumwa,
Wowe washoje neza ubutumwa bwawe maze ugategereza ikamba ry'abatsinze,
Ntama w'Imana wahinduye Pawulo watotezaga Kiliziya yawe,
*Twumve Nyagasani*
Ntama w'Imana wakujije mu ijuru Pawulo, wahowe Imana,
*Udukize Nyagasani.*

**V. Pawulo Mutagatifu, gikoresho Nyagasani yihitiyemo...**
**R. N'Umwamamazabutumwa w'ukuri kw'Imana mu mahanga yose.**
**Dusabe :**
Nyagasani Mana, wowe witoreye Intumwa yawe Pawulo Mutagatifu kugira ngo ugeze ku mahanga yose Inkuru Nziza yawe y'umukiro; fasha amahanga yose kwakira neza ubutumwa Pawulo Mutagatifu atugezaho kandi uhe na Kiliziya yawe gukomeza uwo murimo wa gitumwa Pawulo Mutagatifu yitangiye maze Kiliziya ikomeze kubera bose Umubyeyi n'Umurezi. Tubisabye ku izina rya Yezu Kristu, Umwami wacu. AMINA.

**Isengesho ryo gusabira amahanga yose**

Pawulo Mutagatifu, Intumwa y'amahanga, rebana impuhwe igihugu cyacu. Umutima wawe buri gihe warangwaga no kugera ku bantu bose ugira ngo ubagezeho Inkuru Nziza y'amahoro n'ubumwe twazaniwe na Yezu Kristu. Turagusabye ngo aho uri mu ijuru ukomeze gusabira isi n'amahanga yose urukundo n'ubwumvikane nyakuri. Dusabire ku Mana kugira ngo ubutorwe mu muryango w'Imana burusheho kwiyongera. Abantu bose bakora umurimo wa gitumwa, komeza kubavuganira ku Mana kugira ngo bakomeze kugira umutima wumvira ugushaka kw'Imana.

Dusabire kugira ngo igihugu cyacu kibone “muri Kristu” inzira, ukuri n’ubugingo kugira ngo urumuri rwacu rushobore narwo kumurikira abandi kandi duharanire iteka “Ubwami bw’Imana n’ubutabera bwayo”.

*Pawulo Mutagatifu Intumwa, tumurikire, dufashe kandi twese udusabire umugisha uturuka ku Mana. AMINA.*

**NOVENI YA MUTAGATIFU PAWULO**

Iyi Noveni yateguwe n’urubyiruko rwo muri Scolastika Jacques Alberione y’Umuryango w’Abihayimana ba Mutagatifu Pawulo ku buyobozi bwa Padiri Roger WAWA, ssp.

Yavuye mu gatabo bise **« 10 Neuvaines pour toutes les nécessités »**, MEDIASPAUL, Kinshasa – RDC, 2005, pp 138-153.

Yahinduwe mu Kinyarwanda na Padiri Donatien HAKOLIMANA, sac

**UBWIYUNGE NI UBURENGANZIRA N’INSHINGANO KURI BURI WESE**
**(Igice cya kabiri)**

**Intambwe ya kabiri : KWIYUNGA NAWE UBWAWE**

Iyo ugiriwe nabi cyangwa ugahemukirwa kuburyo bukomeye, hari igihe iyo nabi ikwiyandikamo ; ikagusigira ibikomere cyangwa ibisare ku mutima. Byitwa ibikomere by’umutima kuko babigereranya n’ibyo ku mubiri ; ntawe ukomereka ngo bucye igisebe cyakize ; gikira buhoro buhoro. No ku mutima rero ni uko : inabi ikabije, yaba iyo wagiriwe, cyangwa iyo wateje abandi, isiga icyasha ku mutima, bityo uwo byabayeho cyangwa uwabikoze ; agahorana amahoro make kuko bihora bimugarura kuri cya cyago cyangwa cya cyaha, bigasa nk’aho kitarangiye kandi cyararangiye.

Iyo rero umuntu afite umutima uremereye nk’uwo, ni inzitizi ikomeye mu kwiyunga n’abandi. Kuko kwiyunga ari ukugarura umubano n’urukundo byari byaratakajwe n’ibyo byabaye ; iyo ameze

atyo, abura icyo ashora mu bwiyunge n'uwamuhemukiye cyangwa yahemukiye, kuko aba yumva nyine umutima we utabifitiye imbaraga.
Niyo mpamvu rero yo kwemera kwigarukaho ukisana kandi ukisama. Kugira ngo ubwo busharire bwuzuye umutima butazasesekara inyuma, bukavangira umubano wawe n'abandi bugashyiramo amakaraza atari akwiye.

Kwiyunga nawe ubwawe rero icya mbere bisaba ni *ukudatiza umurindi icyago cyakubayeho, cyangwa icyaha wakoze.*
Ushobora kubitiza umurindi mu bitekerezo : ukabihoramo, ugaheranwa nabyo, ugahora wumva nta byishimo wakongera kugira nyuma y'ibibi byakubayeho.
Ushobora no kubitiza umurindi mu mvugo : ngo akaje karemerwa, ngo ntawugashira, ngo agahinda gashira akandi gashibuka, ngo aho umutindi yanitse ntiriva,…n'andi magambo agaragaza umuntu waheranwe cyangwa wokamwe n'ibyago ntashobore kubyikura.

Kudatiza umurindi rero icyago cyangwa icyaha, ni ukwitoza kwigiramo imibonere mishya y'ubuzima, idashingira ku bwihebe, ahubwo ku kwizera. Kuko umugani w'abanyarwanda, Imana itera amapfa, ni na Yo itera aho bahahira. Nta kitubaho cyaba igishimishije cyangwa ikibabaje Imana itakizi.
Ni ukuvuga ko n'iyo waba warababaye gute ; nta cyakubabaje cyane Imana itazi cyangwa itashobora kugukiza.
Kandi icyo itwifuriza iteka ni icyo yaturemeye : aricyo twita ubuzima. N'ubwo abawe bashobora kuba baravuye mu buzima bwa hano ku isi ku buryo buteye agahinda ; kuba ugifite ubuzima wowe ; nta mpamvu ufite yo kubuvuma uhereye ku kababaro wagize, kandi Imana yo ikibubumbatiye muri wowe.
Ahubwo uwo ukwiye gutiza umurindi , ni Imana mu mugambi ihorana w'uko bose bagira ubuzima , kandi bakabugira busagambye.

Mu gitabo cy'imigani batubwira ko*: " Umuntu ushyira mu gaciro, bituma atarakara vuba, agaheshwa ikuzo no kwihanganira inabi yagiriwe".* (*Imig 19,11*). Bakongeraho ko *"Umutima ukeye ukomeza ubuzima, naho umutima ushavuye wumisha amagufa". (Imig 17, 22).*
Ngaho rero iyunge nawe ubwawe udatiza umurindi icyago cyakubayeho, ahubwo utiza umurindi icyiza wifuza, kugira ngo ufatanye n'Imana kugusanira umutima. Ni yo yawukuremyemo, ntiyananirwa no kuwusana nk'uko umunyabukorikori acura igikoresho iki n'iki, cyakwangirika akamenya uko agisana.

Icya kabiri mu kwiyunga nawe ubwawe, ni *ukumenya kwakira ibyakubayeho, no kwiyakira mubyo utagira icyo uhinduraho*: Ntiwahora urira ngo amaherezo amarira yawe azazure uwawe wazize akarengane. Umukobwa ntiyasama inda atashakaga, ngo ababazwe na byo kugeza ubwo iyo nda isubiyeyo, cyangwa ako kababaro gatume aba umuhungu ibintu nk'ibyo ntibizongere kumubaho.
Kwakira ibyabaye rero, cyane cyane ibyo utagira icyo uhinduraho, ni ukwemera ko mu buzima bwo ku isi icyiza n'ikibi bigendana. Ngira ngo niyo mpamvu mu mugani w'urumamfu mu ngano, Ny'ir'umurima atemerera abagaragu be kurandura urumamfu, ngo batavaho barurandurana n'ingano.Bijya gusa ku buryo utitonze wakora icyo utari ugambiriye. Ngira ngo nta n'uwafata umugambi wo kurandura inabi ku isi ngo abishobore kuko tutazi imizi yayo aho igera. N'Umwana w'Imana ubwe, atwereka ko uburyo buboneye bwo kurwanya ikibi atari ukukivuma, ahubwo ari ukugisimbuza icyiza. Inabi ni nk'umwijima utakwirukanisha imivumo no kwijujuta ; ahubwo wirukana igihe wemeye gucana urumuri rw'ineza. N'umugiranabi ntuzamuhinduza kumuvuma no kumwijundika, uzamushoboza impuhwe n'imbabazi, kuko n'Imana ubwayo imufitiye impuhwe. Burya n'ubwo yigize ikivume, ya shusho y'Imana iracyamurimo nta n'icyayisibanganya, ashobora gukanguka umutima we ukazibukira inabi ; akongera kugaruka mu maso y'Imana.
Umuhanuzi Ezekiyeli atwibutsa rwose ko Uhoraho atishimira urupfu rw'umugiranabi, ahubwo ashaka ko yahinduka akabaho. (Ezek.18, 32)
Kwiyunga nawe ubwawe rero bikajyana n'uko kwakira no kwemera ko ikibi kidashobora gutsiratsizwa burundu mu isi, kandi kuba gihanze, bitatubuza kubona ko n'ibyiza biriho kandi tugomba kubiharanira. Bityo tukabona ko ubuzima mu isi bujyana n'ingorane n'ibibazo, n'amahano akaba ashobora kubaho

nk'uko twabibonye ariko nyine tukaba tuzi ko amaherezo ineza izatsinda ; urupfu rudashobora kugira ijambo rya nyuma. N'umunyarwanda yarabivuze ngo icyago cyigisha ubwenge.

Ikindi rero tutakwirengagiza ni uko inabi ibitse mu mutima, imwe itera agahinda kadashira, cyangwa umujinya utarangira, cyangwa ubwoba buhungabanya nyirabwo, iratinda ikiyandika mu mubiri igatangira guteza nyirayo indwara z'amoko yose. N'ubwo abavuzi batubwira ko hari indwara ziterwa n'udukoko twa mikorobe, virusi n'utundi ; ariko burya hari n'indwara nyinshi ziva kubiremereye umutima umuntu yananiwe kwikura. Urugero rufatika ni urw'abantu bagiye bajya kwivuza kwa muganga barembye ; muganga agasuzuma akoresheje ubuhanga bwose, akabura icyo barwaye kandi barembye ndetse bamwe zikabahitana, nyamara muganga akabura indwara yishe umuntu.

Hari indwara zakunze kugaragara ko ziterwa n'agahinda : Nk'indwara y'umuvuduko w'amaraso, za diyabete, cyangwa se indwara z'ibihaha nk'igituntu cyangwa umusonga, n'izindi. Hari abo byagiye bigaragaraho ko bazitewe n'agahinda kenshi bagize mu buzima, kandi ba nyirazo bakemeza ko ari byo.
Hari iziterwa n'umujinya : nk'igifu burya abenshi bakirwaye hari ibintu biba byarabarakaje, bikabaheramo ; uko babyibutse igifu kigasya cyangwa se umuntu akarwara umutwe udakira.
N'ubwoba bwaheze mu muntu nabwo bukunze gutera umutwe udakira ; ndetse ubwoba hari n'igihe butera impyiko ; hari n'izindi ndwara nyinshi turwara biturutse ku bibazo bihishe mu mutima.Kuri iyi ngingo, Mwene Siraki atugira inama agira ati : « *Umutima wawe ntukawutere agahinda, cyangwa ngo wibabaze ubwawe mu bitekerezo. Ibyishimo by'umutima nibwo buzima bw'umuntu, kandi umunezero niwo umutera kuramba. Umutima wawe ujye uwitaho, uwurinde gushavura, ugendere kure agahinda ; koko rero agahinda kivuganye benshi, kandi ntacyo kamaze. Ishyari n'uburakari bitera gukenyuka, n'impungenge zigatuma umuntu asaza imburagihe. Ibyishimo by'umutima bituma umuntu aryoherwa kandi ibyo ariye byose bikamunyura ». ( Sir 30,21- 25).*

Niyo mpamvu rero gufata umugambi wo guhindura imibonere no kubyipakurura ufashijwe no kwizera imbaraga z'ubuzima butangwa n'Iyaduhanze, ari ukwikingira indwara nyinshi ; n'izo turwaye zimwe zigakira tutagombye kunywa imiti.
Twese tuzi uburyo indwara ari kimwe mu bibuza umuntu amahoro ; kuri bamwe zatinda hagakurikiraho kwiheba, ndetse bamwe bakiyahura. Abenshi muzi ukuntu indwara zikenesha kubera imiti, ingendo zo kwivuza hirya no hino mu gihugu cyangwa mu mahanga. Ibi ntibyatwereka ko dukwiye gushyira imbaraga mu kwipakurura imijinya n'agahinda bituye mu mitima, maze ibyatakaraga mu kwivuza tukabishyira mu bituma twiteza imbere ? Usibye indwara kandi iyo umuntu aremerewe ku mutima ahorana umunabi, yabyuka akumva atamaze ibitotsi, yakora umurimo ntawurangize kandi ntawunoze ; yaba ari mu bandi ukabona arasharirye, ameze nk'umurakare. Umunabi nawo ubihiriza nyirawo udasize abo babana.

Usibye umunabi hari n'iminaniro ikabije, cyangwa amavunane ; umuntu akumva asa n'uwakubiswe kandi ntawamukojejeho n'urutoki. Ibyo byose ni bimwe mu bimenyetso bitwereka ko akuzuye umutima n'iyo ari kabi, gasesekara inyuma mu mubiri kakabishya ubuzima.

Kwiyunga nawe ubwawe rero ni *ukumenya ko ntawutanga icyo adafite* ; birakomeye ngo ube ubishye muri wowe ubone uburyohe mu bandi. Akenshi uko umuntu ameze yibwira ko n'abandi ari ko bameze cyangwa akifuza ko bamera nka we. Nyamara niwishima uzatanga ibyishimo kuko utabigira ngo ubyikubire. Kandi kuko akebo kajya iwa mugarura, icyo ubibye nicyo usarura ; icyo utanze nicyo kikugarukira ; nubaho wishimye n'abandi bazakwishimira ; n'abaguhemukiye nibura uzabona aho uhera ubona ko hejuru y'ibibi bagukoreye bakiri abantu kandi na bo ari abana b'Imana, bashobora kwisubiraho. Nyamara iyo ubishye nta cyiza ubona, nta mwiza ubona. Byose bihinduka bibi, bose bahinduka babi.

Kwiyunga nawe ubwawe kandi ni *ukumenya gukura amasomo mashya mu kibi cyakubayeho*. Hari abantu benshi barushijeho kumva ko ubuzima buzira guhungabanywa bahereye ku bwicanyi ndengakamere babonye. Hari abandi bamenye agaciro n'icyubahiro bikomeye umuntu arusha ibindi biremwa, bahereye ku buryo babonye umuntu asuzugurwa cyane. Hari abafashe umugambi udakuka wo kuba badashobora kuba abanyarugomo bahereye ku ihohoterwa cyangwa ubugome bagiriwe cyangwa bwagiriwe ababo. Hari n'abasanze bagomba kuba inkunzi z'amahoro bakanabishishikariza abandi

bahereye ku mahoro make babonye, hari imiryango myinshi y'abagiraneza tubona kandi tuzi ibikorwa byayo, igamije kugoboka abababaye aho bari hose ; cyangwa se kurengera uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Imyinshi muri yo yagiye ivuka nyuma y'intambara ya kabiri y'isi yose. Abazungu babonye amahano yabaye iwabo, hagira abiyemeza kugaragaza ubwiza bwo kugira ubuntu ngo ibintu nk'ibyo bitazongera. N'aha iwacu hari imiryango yagiye ivuka n'amashyirahamwe y'abasanga nta terambere rishoboka abantu badafite amahoro. Kubaka imitima rero ni intambwe ikomeye mu gushyigikira ubwiyunge n'ubwumvikane mu bantu.

Hari n'andi masomo menshi abantu bagiye bigira ku nabi no ku mahano babonye bigashimangira koko ko imbuto y'umugisha ishobora no kwera ku giti cy'umuruho.

Kwiyunga nawe ubwawe rero muri make, *ni uguhitamo kuba wowe byuzuye uko byaba byaragenze kose*. Mu itegeko risumba ayandi, Yezu aratubwira ngo « Uzakunde mugenzi wawe nk'uko wikunda ». Igipimo cyo kubana no gukunda undi ni uburyo wikunda. Ntiwakwikunda by'ukuri rero ubuzima bwawe busharira, byaba ahubwo ari ukwiyanga cyangwa kwikunda nabi. Kwikunda bya nyabyo rero ni uko guhora uzirikana ko Iyaguhanze ikuzi kandi ikwitayeho mu bigushimisha no mu bikubabaza, ugahora unyurwa n'uko ushyigikiwe uko byagenda kose kandi mu gihe ushyigikiwe n'ingwe avoma, ushyigikiwe n'Imana agira ubugingo.

Guhitamo kuba wowe byuzuye kandi *, ni ukugira imibonere yipakurura uburemere bw'inabi ibitse mu mutima ; wihatira kutayihugiraho ; ahubwo ukita ku bikurangaje imbere ; ku mishinga ugamije, kuko icyiza aricyo kibyara icyiza.*

Ngaho rero herukira aho kwigaya no kwisuzugura ; ihe agaciro kandi ukiheshe kuko ugaya ibye abyibiramo ; kandi umugabo arigira yakwibura agapfa.

Hagurukira rero n'ibikorwa biguteza imbere ; wiyemeze kubaho wisanzuye, wishimye kandi ushaka amahoro, uzaba utanze umuganda ukomeye mu buzima, kuko uzaba ubaye ikimenyetso abandi bigiraho kubaho. Uzaba ushoboye gutera intambwe ya kabiri mu bwiyunge kuko uzaba ushoboye gutanga noneho icyiza ufite wiyemeza gufatanya n'abandi guharanira ibifite akamaro.Bizatuma n'abaguhemukiye ubaramiza impuhwe n'imbabazi, bizabatere kwisubiraho no kwivugurura, kuko mu by'ukuri, gushobora kubabarira (kuwahemukiwe) no gusaba imbabazi (kuwahemutse) ni yo ntambwe ya nyuma ihingutsa ku bwiyunge nyakuri.Ba wowe rero byuzuye wiragiza Uhoraho muri byose kugira ngo ubironkeremo umugisha nk'uko abikubwira mu gitabo cy'imigani : *« Mwana wanjye ntuzibagirwe inyigisho zanjye, kandi umutima wawe ujye wizirika ku mategeko yanjye ; bizakuviramo kuramba biguhe n'amahoro menshi.Ubupfura n'ubudahemuka uzabikomereho, ubyambare mu ijosi,ubyandike mu mutima wawe, kuko ari byo bizagutonesha ukagira ishya mu maso y'Imana n'ay'abantu. Uzizere Uhoraho n'umutima wawe wose ,woye kwiringira ubwenge bwawe ; mu migenzereze yawe yose,ujye umwibuka, na we azaringaniza inzira zawe. Ntuzibonemo ubuhanga ,ahubwo uzatinye Uhoraho kandi wirinde ikibi, bizatuma umubiri wawe unoga, n'ingingo zawe zose zigororoke. Uzahimbaze Uhoraho mu byo utunze byose ,umuture umuganura w'umusaruro wawe; bityo ibigega byawe bizuzura ingano, na divayi isendere urwengero rwawe. Mwana wanjye, ntugahinyure uburere Uhoraho agutoza, cyangwa ngo winubire amabwiriza ye, kuko Uhoraho acyaha uwo akunda nk'uko umubyeyi agenzereza umwana umwizihiza» (Imig3,1-12)*.

Padiri Emmanuel NYAMPATSI
Padiri Mukuru wa Paruwasi
GISENYI

**KONGERE YA MBERE Y'IYOGEZABUTUMWA MPUZAMAHANGA KU MPUHWE Z'IMANA**

*« Nzaririmba iteka ryose Impuhwe zawe Nyagasani »*

Ntangije iyi ndirimbo ya Zaburi Papa Yohani Pawulo wa II yakundaga gukoresha kenshi , kandi Cardinal Christoph Schonborn wari uyoboye iyi kongere yagiye asubiramo kenshi , kugira ngo nshobore kurushaho gusingiza Imana nifatanije n'isi yose kubera akamaro iyi kongere ya mbere mpuzamahanga

y'iyogezabutumwa ku mpuhwe z'Imana ituzaniye : Kongera kwakira by'umwihariko Impuhwe z'Imana ,kuziyambaza,kuzamamaza ,kuko bigaragara ko *igihe kigeze ngo isi yose yiyambaze Impuhwe z'Imana.*

AMATEKA Y'IYI KONGERE

Kuva tariki ya 2 kugeza ku ya 6 zukwa 4 /2008 ,i Roma i Vatikani habereye kongere ya mbere y'iyogezabutumwa mpuzamahanga ku Mpuhwe z'Imana.Igitekerezo cy'iyo Kongere cyavuye mu mwiherero w'abapadiri bavuye impande zose z'isi,hamwe n'abahagarariye amatsinda atandukanye y'iyogezabutumwa,bose bageraga kuri 300.

Uwo mwiherero wabaye mu kwezi kwa 7 mu w'i 2005 ubera i Kracoviya(Cracovie ) muri Polonye (Pologne).Insanganyamatsiko yawo yari**:** *«Umukiro w'isi iwukesha Impuhwe z'Imana zonyine j»*

Uwo mwiherero wayobowe n'abakardinali Christoph Schonborn na Philippe Barbarin ,Musenyeri Albert de Monléon na Padiri Patrice Chockolski.Uyu mwiherero nawo waje ari igisubizo k'ibyifuzo byavuye mu bikorwa bidasanzwe by'iyogezabutumwa byatangijwe ku bibuga bigezweho by'imigi minini,muri ibyo bikorwa byagiye bigaragara cyane ko Impuhwe z'Imana arizo ziyoboye iyogezabutumwa kandi zikariha kumvikana .

Igitekerezo cya kongere Mpuzamahanga kimaze gutangwa kubera inema zidasanzwe no gusobanukirwa abari muri uwo mwiherero baronse, bagasanga bikwiye kugera ku kiremwa muntu cyose,Kardinali Christoph Schonborn yagishyikirije Papa Benedigito wa XVI mu kwezi kwa 2/2006,acyakira neza kandi agiha umugisha ngo gishyirwe mu bikorwa.Guhera ubwo imyiteguro yahise itangira hashyirwaho za comite mpuzabokorwa hirya no hino ku isi .*Comite nkuru y'isi yose yarigizwe na :Kardinal Christoph Schonborn Perezida wayo, Abakaridinal Arinze, Backis, Barbarin,Bergoglio,Dwisz,Erdo,Pengo, Poupard,Rode,Rosales,Ruini,Canizares,O'Malley,Reylko, Scherer,Tauran,Abasenyeri Ranjith(CCDS) na Boccardo umuhuzabikorwa akaba Padiri Patrice Ckocholsi.Hagiyeho kandi na comite nyunganira bikorwa yarigizwe n'abasenyeri bakurikira : Kondrusiewiez(Moscou),Quevedo(FABC),Huesca Pacheo (Puebla),de Monleon (Meaux),Lori(Bridgeport),Bagnard(Belly-Ars),Cuquejo(Asuncio),n,abandi basenyeri 78 bo muri philippine hakaza abapadiri : Jean Claude Sagne,na Seraphin Michalenko.*

Itoranywa ry'umunsi wo gutangira Kongere tariki ya 2 z'ukwa 4 ryahujwe n'umunsi ngarukamwaka ku nshuro ya 3 y'urupfu rwa Papa Yohani Pawulo wa II. Iyi Kongere yitabiriwe n'abantu basaga ibihumbi bine baturutse mu bihugu 200 byo ku migabane y'isi yose. U Rwanda rwari ruhagarariwe n'abantu 7,umupadiri umwe w'umupalotini n'abarayiki batandatu baturutse mu ma paroisse atandukanye.Muri diyosezi yacu ya Nyundo harimo umulayiki umwe wo muri paroisse ya Stella Maris/Gisenyi.Kongere yatangijwe n'igitambo cya missa kiyobowe na Nyirubutungane Papa Benedigito wa XVI ukomeje guha ingufu ubutumwa bw'Impuhwe z'Imana nkuko tuza kubibona.

INTEGO YA KONGERE

Nkuko Musenyeri Albet-Marie de Monleon abivuga kongere yarifite intego eshatu z'ingenzi :

1.Guha igisubizo ikifuzo cya Nyirubutungane Papa Yohani Pawulo wa II cy'uko Impuhwe z'Imana zakwirakwira ku isi yose.

2.Gufasha buri wese kongera kuzirikana akamaro k'Impuhwe muri ibi bihe turimo.

3.Guhuriza hamwe abantu bafite inyota yo kwakira Impuhwe z'Imana no kuzamamaza.

Muri rusange hakunzwe kugarukwaho cyane ubutumwa bwa Papa Yohani Pawulo wa II nk'ingingo nyamukuru ya kongere kuko ubutumwa bw'impuhwe ari umurage ukomeye twasigiwe n'uyu Papa dore ko bwari n'ingengo remezo y'ubupapa bwe.

Duhereye ku ntego ya mbere ya kongere ikifuzo cya Papa Yohani Pawulo wa II tugisanga mu magambo ye n'inyigisho ze. Reka tubagezeho amwe muri yo :

*« Igihe kirageze ngo ubutumwa bw'Impuhwe z'Imana bubibe icyizere mu mitima kandi bube urumuri bw'isi nshya,isi yuzuye urukundo »*

*« Nta wundi mukiro wa Muntu uretse Impuhwe z'Imana »*

*"Urumuri rw'Impuhwe z'Imana ruzamurikira abantu b'ikinyagihumbi cya gatatu"*

*"Mbega ukuntu isi ikeneye gusobanukirwa no kwakira Impuhwe z'Imana "*

Muri uko kwamamaza no gushishikariza isi yose Impuhwe Papa Yohani Pawulo wa II yanashyize mu rwego rw,abatagatifu umubikira Maman Faustine mu mwaka wa yubile y'i 2000 Yezu aje ku isi ,ari nawe wabaye umutagatifu wa mbere w'ikinyagihumbi cya gatatu,yashyizeho umunsi mukuru w'impuhwe z'Imana ku isi yose uba ku cyumweru cya II cya Pasika,gutura isi yose Impuhwe z'Imana.
Tugiye kuntego ya kabiri ya kongre, naho turahasanga amagambo ya Papa Yohani Pawulo wa II agira ati*:"Ni ngombwa ko ikibatsi cy'Impuhwe kigurumana ku isi yose".*Uyu Papa akerekana ko muri iki gihe nta kindi isi ikeneye kumenyeshwa uretse Impuhwe. *Umukiro n'icyizere bya Muntu biva ku mpuhwe*. Urebye ibibera ku isi, umubabaro, ubwicanyi, ubuhakanyi, inzangano zikabije, ukwihorera, ishyari, ubugugu, umwiryane….bikwiye guhangayikisha buriwese maze agahaguruka akabishakira umuti! Uwo muti ntawundi uretse kwakira Impuhwe no kuzamamaza!
Papa Yohani Pawuro II akabisobanura neza agira ati*:"Impuhwe z'Imana nizo zonyine zishobora gukumira ikibi kiba kuri muntu kandi akaba ariwe kigiraho ingaruka".*
Mu ntego ya gatatu, turabona cardinal Christoph Schonborn utwereka ko muntu akeneye gusobanukirwa no kwakira Impuhwe z'Imana. Kwinjira mu ishuri ry'Impuhwe ni ngombwa kuri buri wese tugahagurukira icya rimwe. Cardinal Schonborn akomeza yerekana ko *''Impuhwe arizo mutima w'Iyogezabutumwa iryari ryo ryose".*

PAPA BENEDIGITO WA XVI ARASHISHIKARIZA BURI MUNTU WESE KWAKIRA NO KWAMAMAZA IMPUHWE Z'IMANA.

Papa Benedigito wa XVI nawe akomeje igikorwa cyo kwamamaza Impuhwe z'Imana no kugiha imbaraga gikwiye nkuko na mugenzi we Yohani Pawulo wa II yabikoraga.
( Cardinal Ruini wungirije Papa ku mirimo y'Umushumba wa Diyosezi ya Roma yabitweretse kurushaho muri Kongere). Papa Benedigito avuga kenshi ko akunda kandi akubaha cyane Papa Yohani Pawulo II kandi akumva amuri iruhande.
Papa Benedigito aho abereye Papa, ndetse na mbere akiri Cardinal, yakunze cyane kugaruka kuri ubu butumwa bw'Impuhwe z'Imana yerekana ko Impuhwe zifite ububasha bukomeye bwo guhindura isi, yerekana ko *Impuhwe ari impinduramatwara (revolution) iyobowe n'urukundo kandi ikarandura ikibi mu mwanya wacyo zikabibamo icyiza* abivuga muri aya magambo : *« Mu isi ntakindi uretse Impuhwe z'Imana yigize umuntu muri Yezu Kristu, zonyine zatuma uguhengamira kwa Muntu mu kibi, guhindukamo ukwerekeza ku ikiza bihereye kuri iyi si ntoya kandi yiyemeje gufata icyemezo cyo kwisubiraho, iyo si ikaba ari umutima wa buri muntu »* (Angelus, 23 février 2007).
Papa Benedigito kandi yashishikarije isi kwiyambaza Impuhwe z'Imana, yerekana ko atari uburyo bwo gusenga bwihariye ku bantu bamwe na bamwe (devotion secondaire) ko ahubwo ari ibikwiye kuranga buri wese.
Iyi kongere ya mbere mpuzamahanga ku Mpuhwe z'Imana yatangijwe nawe.Mu nyigisho yongeye gushishikariza abatuye isi yose kwakira no kwamamaza Impuhwe z'Imana dukurikije urugero rwiza rwa Papa Yohani Pawulo wa II ,kugira ngo isi isubirane ubwiza bwayo tuyobowe na Roho w'Imana.
INSANGANYAMATSIKO ZIGIWE MURI IYI KONGERE
*Ijwi ry'ubuhanuzi bwa Papa Yohani Pawulo wa II ku byerekeye Impuhwe z'Imana.
*Iyobera ry'Impuhwe z'Imana ni ubukungu bwa Kiliziya.
*Impuhwe z'Imana mu bumwe bwa Kiliziya.
*Impuhwe z'Imana mu butumwa bwa Kiliziya.
Nkuko Cardinal Backis abivuga,"Iyobera ry'Impuhwe z'Imana ni ubukungu bwa Kiliziya n'ubw'isi yose muri rusange".Kiliziya ibeshejweho no kwamamaza impuhwe z'Imana no gufasha abantu mu nzira y'ubutagatifu.Igihe cyose isi izashakira umukiro izawuronka kuko iriba iwuvomamo ridakama.Yezu Nyirimpuhwe yakungahaje isi yemera kuyipfira ku musaraba.Amaraso n'amazi byavubutse mu mutima we ni ikimenyesto cy'urukundo n'impuhwe bidashira Nyagasani yagaragarije abatuye isi."Imana ni Nyirimpuhwe zihebuje"(Ef 2:4).Kwakira impuhwe z'Imana no kuzamamaza nibyo bikungahaza isi,biyiha amahoro ndetse bikayibera umusemburo w'ubumwe.Yezu yabwiye Mama Faustine ati:"Isi ntizigera igira amahoro igihe cyose izaba itarahindukiriranira ikizere Impuhwe z'Imana".Mu ivanjili ya Luka 6:36 Yezu ati:"Nimube abanyampuhwe nkuko so ari umunyampuhwe".Muri ibi bihe turimo isi

ikeneye abahamya nyabo b'Impuhwe z'Imana.Kiliziya Imaze kubona kandi ko amadini yose yemera ko Imana ari Nyirimpuhwe bityo n'igikorwa cy'iyogezabutumwa ry'Impuhwe kikaba impamvu yo guhuza amadini Kiliziya yatangije Concile (Inama nkuru ya Kiliziya) yabereye I Vatikani ubwa kabiri.Cardinal Schonborn abivuga muri aya magambo:"Impuhwe z'Imana ni ikiraro gihuza amadini yose n'abantu b'ingeri zose".Ntawe rero udahamagariwe kuzamamaza.Nguko n'iyi kongere yari ifite n'imisusire yo guhuza amadini kuko harimo n'abandi batari abagatolika ndetse n'abatari abakristu : twavuga Abayisalamu batugaragarije ukuntu basangira ibijyanye n'ukwemera kwabo na Kardinali Barbarin i Lyon mu Bufaransa, uyu nawe akabasangiza ibyacu byose bikagirira akamaro Abayisilamu natwe Abakristu Gatolika. Nyagasani Yezu arifuza ko umutima wa buri wese uba Ingoro y'Impuhwe kandi zigasakara ku isi yose biwuturutseho.

Dusabe Imana guhura nazo kuko bigaragara ko utarahura n'Impuhwe z'Imana adashobora kuzibera umuhamya.Tubisanga mu buhamya Umubikira Elvira umwe mu bari bitabiriye Kongere yatanze, ubuhamya bw'ukuntu yari afite igikomere kuri se wari umusinzi ariko ku bw'Impuhwe z'Imana zidufasha kwakira amateka y'ibyatubayeho, yaje gukira icyo gikomere ndetse anakira uwo mubyeyi aramukunda. Amaze kwakira Urukundo rw'Imana yashinze kominote 52 zakira urubyiruko rwari rwarasabitswe n'ubusinzi n'ibiyobyabwenge,abifashijwemo n'ababikira bo mu muryango we bafasha abo bana kwakira Urukundo rw'Imana no gukora urugendo rwo kubabarira ababyeyi babo kuko akenshi usanga aribo babaye impamvu yo kujya mu muhanda.Mu gusoza ubuhamya bwe yasobanuye ko urukundo rusaba guca bugufi.Mu bihe bikomeye byose baciyemo nyina yaramyaga umusaraba avuga ati:"Musaraba mutagatifu ntudutererane". Umunyarwandakazi ukora mu muryango w'abibumbye muri Amerika wari watumiwe, mu buhamya bwe buvunaguye yagaragaje imbaraga z'Urukundo rw'Imana mu bihe by'amakuba yagwiriye u Rwanda. Ibyo bihe by'umwijima byamufashije kubaho mu busabane n'Imana, gusobanukirwa Urukundo Imana ikunda abanyabyaha n'abari mu bigeragezo.Kuba yaragiranye umubano n'Imana ndetse n'Umubyeyi Mariya byatumye ashobora kurenga imipaka y'amoko ajya mu nzu y'imbohe gusura no kubabarira abishe ababyeyi be n'abavandimwe be.Yasoje avuga ko iyo Imana idukijije iduha n'ingabire yo gufasha Kiliziya.

IMBUTO YA KONGERE:IMPUHWE Z'IMANA NIZISAKARE KU ISI YOSE.

Mu gusoza ibiganiro bya kongere Cardinal Stanislas Dziwisz yaravuze ati:Urumuri rw'Impuhwe z'Imana rugomba kwaka ku isi yose, nk'uko Papa Yohani Pawulo wa II yavuze, mwarucaniye hano I Roma , nimugende murukwirakwize ku isi yose". Kardinal Christoph Schonborn nawe yagize ati:"… Kiliziya nayo yafunguriye imiryango buri wese ngo ajye kuba umuhamya nyawe w'Impuhwe z'Imana…"Bavandimwe nshuti ubutumwa bwa Kongere tubugire ubwacu. Kardinal Dziwisz (Umwepiskopi wa Krakoviya) bishoboka ko ariwe uzaba Perezida wa Kongere itaha, yaboneyeho anatangaza ko Kongere ikurikira nyuma y'imyaka ibiri izabera i Krakoviya ku Ngoro ya Yezu Nyirimpuhwe. Ni ku butaka bwa Mama Faustina na Papa Yohani Pawulo wa kabiri. Kardinali yanatumiye buri wese! Cardinal Schonborn yanatangaje ko Kongere ya gatatu yazabera bidahindutse mu gihugu cya Lituanie ahabitse ishusho ya mbere ya Yezu Nyirimpuhwe , hahoze ari mu gihugu cya Pologne.Hagati aho ubuyobozi bukuru bwa Kongere, ari nabwo bwa Kiliziya, bwifuje ko hategurwa Kongere n'ibikorwa by'Iyogezabutumwa by,impuhwe bihuza imbaga bitagize uwo biheza naho yaba uwo mu rindi dini;mu rwego rw'imigabane, ibihugu, diyosezi, paruwasi , kugeza mu nzego zose. Kugira ngo ibi bigerweho birasabwa ko uhereye muri izo nzego zose habaho kwakira iyo nkuru nziza y, impuhwe z'Imana no gufata icyemezo cyo kuyamamaza.

MPINDURA MBE NJYE WESE IMPUHWE ZAWE NYAGASANI!

MURAKOZE!

HAKIZIMANA Emmanuel
Umulayiki wa Diyosezi ya Nyundo wagiye muri iyi Kongere y'i Roma. Paroisse Stella Maris/Gisenyi.

*Twifashishije:* -Akanyamakuru Intumwa y'Impuhwe z'Imana gasohoka gatatu mu mwaka.
-Ikinyamakuru Zenith -Imiyoboro ya internet yamamaza Impuhwe z'Imana:

*www.worldapostoliccongressonmercy.org(Umurongo wihariye wa Kongere mpuzamahanga y'Impuhwe z'Imana) .

**PARUWASI MURUNDA MU RUGENDO RWA YUBILE Y'IMYAKA 100 IMAZE ISHINZWE : 17/05/1909 – 17/05/2009**

Ku itariki ya *11/05/2008,* hari *ku munsi mukuru wa Pentekositi*, Paruwasi Murunda yatangaje ku mugaragaro ko itangiye urugendo rwa Yubile y'imyaka 100 imaze ishinzwe. Iyo Yubile ikazahimbazwa ku buryo bukomeye umwaka utaha ku italiki Umwepiskopi wacu azagena.

Paruwasi Murunda igiye kuzuza imyaka ijana ishinzwe! Dore… kuya 01/04/1909, Padiri Pawulo Baritelemi ari hamwe na Padiri Lewo Weckerlé na Lieutenant Von Stegmann wari umukuru w'abasirikare i Kisenyi, bageze mu Kanage bashakisha aho bashyira Misiyoni Gatolika. Bakomeje gushaka mu misozi y'Akanage, maze nyuma y'iminsi bashakisha, baza guhitamo umusozi wa Murunda bitewe n'uko ari ho babonaga kubona amazi bitagorana. Kuya 05/04/1909, mu mvura nyinshi, bariya batatu bahawe isambu yo gushyiramo Misiyoni. Kuya 16/05/1909, Abanage bakiriye Abamisiyoneri batatu, ari bo: Padiri Dufays wari uvuye ku Nyundo, Padiri Soubielle na Padiri Ecomard bari baturutse i Kabgayi hamwe n'abari babaherekeje. Nuko kuya 17/05/1909, Misiyoni ya Murunda irashingwa, maze iragizwa Bikira Mariya Umwamikazi wa Rozari; Murunda iba Misiyoni ya Rozari Ntagatifu. None imyaka ijana igiye kuzura iyo Misiyoni ishinzwe! Birakwiye rwose gutangaza hose ibyo byishimo, birakwiye gutangaza ibyo birori, birakwiye gutangaza iyo Yubile !

***"Muzatangaze mu gihugu cyanyu ko uwo mwaka... ari mutagatifu, kandi ukaba uwo guhimbaza ukubohorwa kw'abaturage bose. Mbese izaba ari Yubile yanyu..." (Lev 25,10).***

Imihango yo gutangiza urwo rugendo rutegura kandi rwinjiza muri Yubile yabaye mu Gitambo cya Misa ya Pentekositi, ikaba yari iyobowe na Nyakubahwa Musenyeri Yohani Mariya Viyani NSENGUMUREMYI, Igisonga cy'Umwepiskopi wacu wa Nyundo, akikijwe n'abapadiri Léonidas KAREKEZI-HABARUGIRA, Jean Damascène BIZIMANA na Patrick BATEGANYA, ari bo bafite ubutumwa muri iyi paruwasi. Icyo gitambo cya Misa cyaturiwe ku kibuga cya Paruwasi Murunda, abakristu benshi n'umutuzo utangaje, bakaba bari bakereye guhimbaza uwo munsi.

Guhitamo uwo munsi kandi bitanahuye neza n'itariki Paruwasi yashinzweho, byatewe no gushaka guha agaciro gakomeye ishingwa rya Paruwasi n'ubutumwa bwayo mu isi, maze duhitamo umunsi mukuru wa Pentekositi, umunsi mukuru utwibutsa ishingwa rya Kiliziya ya Kristu ku mugaragaro, igihe Intumwa zisenderejwe imbaraga za Roho Mutagatifu, maze guhera ubwo zigashira ubwoba zigatangira kwamamaza hose ibitangaza by'Imana. Kubera ko kandi twasanze uwo munsi mukuru wa Pentekositi iyo urebye itariki yawo uyu mwaka usanga yegereye itariki ya 17/05 ari yo tariki Paruwasi yashinzweho, tugakomeza no kuzirikana ku gisobanuro n'agaciro bya Pentekositi, twasanze byarushaho gufasha abakristu dufashe uriya munsi w'itariki ya 11/05 ku munsi mukuru wa Penekositi, tugahimbazaho ugutangira urugendo rwa Yubile muri Paruwasi yacu ya Murunda.

Mu nyigisho nziza Musenyeri Yohani Mariya Viyani NSENGUMUREMYI yatanze uwo munsi, yabwiye abakristu ko *Yubile ari igihe cyo kwivugurura, igihe cyo gusubiza ibintu mu gitereko*. *Ni igihe cyo kuvugurura ubukristu mu mubano wacu n'Imana ndetse n'uwa bagenzi bacu*. Ni ugusubiza amaso inyuma bisuzuma, bakareba uko bahagaze ubu mu bukristu bwabo, maze bagafata icyemezo kizima ngo barusheho kuba abakristu koko. Yabwiye abanyamurunda ko iyi Yubile ikwiye kubafasha gusezerera ibyo byose bya kera bigihari kandi bitajyanye n'ubukristu. Kubera ko twarimo twitegura icyumweru cy'uburezi gatolika mu Rwanda hose, Musenyeri Yohani Mariya Viyani NSENGUMUREMYI yabwiye abari aho bose ko ari ngombwa kwita ku burere n'uburezi by'abana babo kugira ngo tuzagire ingo nzima n'igihugu cyiza. Yarangije abasaba gukomeza kwitegura neza iyi Yubile, maze ikazahimbazwa koko mu byishimo byinshi, bivuguruye kandi bafite n'imigambi mishya mu kubaka Paruwasi yabo.

Mu rwego rwo gufasha abakristu kwitegura neza iyi Yubile, maze koko uyu mwaka wa Yubile ukazabera abakristu ba Murunda umwaka mutagatifu bivugurura nyabyo koko, twasanze ari ngombwa

ko buri kwezi muri Paruwasi yose twagira ingingo yajya izirikanwaho kugera mu muryango-remezo. Izo ngingo ni izi zikurikira :

**Kuya 11/05/2008 (kuri Pentekositi)**: Kwinjira mu rugendo rwa Yubile

**Mu kwezi kwa Kamena 2008** :"Nemera Imana imwe..."

**Mu kwezi kwa Nyakanga 2008** : Mbega ngo biraba byiza ibirenge by'abogeza Inkuru Nziza" (Iz.52,7) :
- Kuzirikana abatugejejeho Ivanjili muri Paruwasi yacu.
- Kuzirikana ingabire y'Ubusaserdoti, by'umwihariko Abapadiri n'Abihayimana bavuka i Murunda.

**Mu kwezi kwa Kanama 2008** : "Muri Batisimu tuba abana b'Imana koko"

**Mu kwezi kwa Nzeri 2008** : "Ugukomezwa muri Roho Mutagatifu, bitugira intumwa mu bandi".

**Mu kwezi kw'Ukwakira 2008** : "Ukaristiya ni Isakramentu ry'ubumwe n'urukundo" : 'Gusa n'Uwo duhabwa'.

**Mu kwezi kw'Ugushyingo 2008** : "Muri Kristu twarababariwe, bityo twese tugomba gukundana no kubabarirana kuko turi abana b'Umubyeyi umwe".

**Mu kwezi kw'Ukuboza 2008** : " Urugo ni Kiliziya y'ibanze".

**Mu kwezi kwa Mutarama- Gashyantare 2009** : " Umuryango-remezo : ishingiro ry'amajyambere nyakuri ya roho n'ay'umubiri mu ngo z'abakristu".

Dore bimwe mu bigomba gukorwa :
- Kuvugurura abagize za Komite z'imiryango- remezo.
- Amahugurwa y'abagize izo Komite
- Gusura imiryango-remezo myinshi ishoboka
- Gushishikariza buri wese kwitabira no kumva akamaro k'umuryango-remezo.

**Mu kwezi kwa Werurwe 2009** : "Ishema ryacu, twahigira abandi, ni umusaraba w'Umwami wacu Yezu Kristu".

**Mu kwezi kwa Mata 2009** : "Twazukanye na Kristu. Ni iki cyadutandukanya na We? ".

**Mu kwezi kwa Gicurasi 2009** : "Hamwe na Bikira Mariya, tuvuge ibitangaza Nyagasani yatugiriye, turusheho gukunda Rozari Ntagatifu".

**Mu kwezi kwa Kamena na Nyakanga 2009 :**
- Kwitegura ibirori bya Yubile.
- Bimwe mu bikorwa by'urukundo
- Amasengesho y'iminsi cyenda kugera ku munsi wa Yubile nyirizina.

*" Mwamikazi waduhaye Rozari Ntagatifu, wowe waragijwe Paruwasi nziza ya Murunda, ukomeze ube hafi y'abana bawe b'i Murunda muri uyu mwaka mutagatifu wa Yubile, maze uyu mwaka koko utume bivugurura, barusheho kuba abana banogeye Imana Umubyeyi wacu, bahore baririmba ibyiza Nyagasani yagiriye Paruwasi ya Murunda igihe yohereje Abamisiyoneri hano mu Kanage, maze bakahamamaza Inkuru Nziza y'umukiro muri Yezu Kristu. Babe hafi basezerere burundu iby'imihango yose inyuranyije n'Ivanjili bigishijwe; nibahore bakereye na bo kuba Intumwa z'uwo mukiro bashyikirijwe, muri byose bahore bereka isi ko umukiro nta handi uri uretse muri Yezu, maze abababonye bose batangarire ineza y'Imana, bemere bahinduke bafatanye kuririmba ubwo buntu Imana itugirira, aho bari hose barangwe n'urukundo rukomoka kuri Uwo waducunguye, kandi bahore bazirikana ko muri We, twese abo yapfiriye twabaye abavandimwe bidasubirwaho, ko twabaye abagenerwamurage w'ijuru, maze koko ubukristu butubyarire ubuvandimwe nyabwo. Mubyeyi Mariya, udusabire iteka tujye dutunganira Imana no kwemera ugushaka kwayo mu buzima bwacu, nk'uko nawe wemeye.*

*MWAMIKAZI WA ROZARI, UDUSABIRE."*

**JUBILATE DEO ! JUBILATE OMNIS TERRA ! JUBILATE DEO !**

Murunda, kuwa 17/07/2008

Padiri Léonidas KAREKEZI-HABARUGIRA
Padiri Mukuru wa Paruwasi MURUNDA

**FORUM Y'URUBYIRUKO RW'ABANYAMUTIMA I RWAZA**

**Yezu we ! Mama we ! « MFITE INYOTA »**

Mfite inyota yo kumenya ibyiza by'Umutima Mutagatifu wa Yezu, kuwukunda no kuwukundisha abandi. Ayo ni amagambo yagarukaga buri mwanya (Slogans) muri iryo huriro ry'urubyiruko rw'Abanyamutima bo muri Diyosezi zose zo mu Rwanda yabereye muri Diyosezi ya Ruhengeri, Paroisse ya Rwaza, mu Kigo cya APEDI Marie Reine Rwaza, guhera taliki ya 15 kugeza taliki ya 20 Nyakanga 2008.

Iyo Forum yateguwe ku gitekerezo cya Padiri Bonaventure TWAMBAZIMANA, Omoniye w'Abanyamutima muri Diyosezi ya Ruhengeri, akaba na Padiri Mukuru wa Paroisse ya Rwaza. Icyo cyifuzo yakigejeje ku Buyobozi bukuru bw'umuryango (Bureau National).Bacyakira neza bagiha agaciro, cyane ko umuryango w'Umutima Mutagatifu wa Yezu wari umaze imyaka itatu winjiye mu gikorwa cyo kuwinjiza mu rubyiruko, kuko ibarura rusange ryerekanaga ko usigaye ari uw'abasaza n'abakecuru. Kugira ngo Bureau National isuzume ko icyo gikorwa cyagezweho, ifatanije na Padiri Bonaventure TWAMBAZIMANA, yateguye Forum. Icyo gitekerezo yakigejeje muri Comité National, urwego rw'Igihugu rw'Umuryango, yateraniye muri Centre Pastoral ya Diyosezi ya Nyundo, kuwa 28-30 Ukuboza 2007 iracyemeza. Basabye abanyamuryango bose kubigiramo uruhare bagashishikariza abana babo kuyitabira ndetse no kubatera inkunga. Urubyiruko rw'Abanyamutima, ndetse n'abandi batari mu muryango ariko bawukunda, basabwe gushaka ibihangano. Byaba: mu mivugo, imbyino, mu ndirimbo, ikinamico, inkuru zishushanyije bagendera ku: nsanganyamatsiko igira iti: "Nimugire mu mitima yanyu amatwara ahuje n'aya Kristu Yezu ubwe" (Phil 2:5).

INTEGO Y'IYO FORUM

- Guhuza urubyiruko rukigishwa kurushaho gusobanukirwa n'umuryango, rukamenyana
- Gucengeza muri abo basore n'inkumi urukundo nyarwo rwo kwibera mu Mutima Mutagatifu wa Yezu, bagendera ku ntego y'Umunyamutima. Yezu ati: "Nimwikorere umutwaro wanjye kandi **mundebereho** , kuko ngira umutima ugwa neza kandi nkoroshya; muzamererwa neza mu mutima wanyu" (Mt11:28).

-Kugendera mu matwara ahuje n'aya Kristu Yezu ubwe (Phil2:5), bagakurira mu burere bwiza, babereye igihugu na Kiliziya, bityo Umuryango w'Umutima Mutagatifu wa Yezu ugakungahazwa n'amaraso y'abato.

- Gukunda umuryango no kuwukundisha abandi ugakurira mu ngufu n'amaraso y'abato.

Forum yitabiriwe n'abantu bageze kuri magana arindwi (700 personnes) barimo urubyiruko n'abana bato 535. Yabimburiwe n'igitambo cya Missa cyayobowe na Musenyeri Michel NSENGUMUREMYI igisonga cya Musenyeri Kizito BAHUJIMIHIGO, Umushumba wa Diyosezi ya Kibungo akaba n'Umuyobozi wa Diyosezi ya Ruhengeri. Missa yo gutangiza Forum yatangiye saa tatu kuwa gatatu taliki ya 16 Nyakanga 2008. Nyuma y'igitambo cy'Ukarisitiya nibwo Musenyeri Michel NSENGUMUREMYI yafunguye Forum ku mugaragaro yifuriza ikaze abayitabiriye no kuzagera ku musaruro mwiza.

Abari muri Forum barangwaga na foulards y'ibendera rya Kiliziya (jaune-blanc). Uko gahunda yari yateguwe,mu minsi itatu : kuwa gatatu- kuwa kane –kuwa gatanu, hacagamo ibiganiro byateguriwe urwo rubyiruko.

DORE IBIGANIRO BYATANZWE N'ABABITANZE:

1) Amateka y'Umuryango w'Umutima Mutagatifu wa Yezu: cyatanzwe na TUYISENGE Théophile, Umuyobozi w'Umuryango mu rwego rw'Igihugu.

Amateka ya Margarita Mariya Alacoque: cyatanzwe na Agatha NYIRAHABYARIMANA uwari Umuyobozi w'Umuryango wacyuye igihe.

2)Agaciro k'Umutima mu muco nyarwanda no muri Bibiliya; cyatanzwe na Padiri Bonaventure TWAMBAZIMANA; ari nawe watekereje, arategura, yakira iyo Forum mu kigo cya APEDI Marie Reine Rwaza.

3) Urubyiruko mu muvuduko w'iterambere muri iki gihe, cyatanzwe na Honorable Deputé GATANAZI J.M.V.

4. Urubyiruko n'amadini y'ibyaduka (Amahame ya Kiliziya): cyatanzwe na Padiri Laurent RUTINDUKA MSSCC.

5. Urubyiruko n'ibigezweho (Agaciro k'Amasakaramentu): cyatanzwe na Padiri Janvier NDUWAYEZU, akaba na Omoniye w'urubyiruko muri Diyosezi ya Ruhengeri.

6. Agaciro k'umuryango mu kurera umunyamutima mwiza: cyatanzwe na Rosette KAMPOGO Umuyobozi wungirije w'Umuryango mu rwego rw'Igihugu.

7. Urubyiruko na Bibiliya (Ijambo ry'Imana): cyatanzwe na Padiri Charles HAKORIMANA.

8. Roho nzima mu mubiri muzima (Agaciro k'umubiri mu maso y'Imana): cyatanzwe na Soeur Chantal MSSCC.

9) Igihango cy'Umukristu na Kristu mu Ukarisitiya : cyatanzwe na Padiri Bonaventure TWAMBAZIMANA.

10) Bikira Mariya, Umubyeyi nyakuri w'Umunyamutima: cyatanzwe na Padiri Pierre BALIKUNDEMBE, Omoniye w'Abanyamutima muri Diyosezi ya Gikongoro.

Ibyo biganiro byose, intego yabyo yari iyo kwigisha urwo rubyiruko agaciro kabo muri Kiliziya no muri Sosiyete nyarwanda, bityo bagakurana umutima utuza kandi woroshya nk'uwa Yezu.

Hari kandi Radio ebyiri (2): Radio Forum na Radio Mariya Rwanda.

Radio Forum yatangazaga amakuru y'ibyabaye ku munsi w'ejo hashize, abana bakabikora nk'ikinamico byiza bishimishije, bityo bigafasha abarangaye, n'ubundi amagambo aryoha asubiwemo, hari na Radio Mariya Rwanda yakurikiranye ibyaberaga i Rwaza, yagiye ibinyuzaho ku cyumweru saa munani ukwezi kose. Buri mugoroba batozwaga gushengerera Isakaramentu Litagatifu, bigishijwe no gukora isaha ntagatifu. Yezu ubwe niwe wayisabye Margarita Mariya Alacoque. Iyo saha iba guhera saa tanu kugeza saa sita z'ijoro kuwa kane ubanziriza imboneka; ariko kugira ngo urusheho kwitagatifuza umunyamutima ayikora buri wa kane. Ubundi iba ntagatifu iyo ikorewe imbere y'Isakramentu Litagatifu. Iyo uyikoreye mu rugo biba ari umwitozo w'isengesho rigutagatifuza, ni igitaramo cy'isengesho ariko ku babishoboye bayikorera mu Kiliziya, Yezu ntagira amasaha, ayitagatifuza igihe icyo aricyo cyose uyimutuye mu kwihebera (dévotion) ufitiye umutima we mutagatifu. Iyo saha tuyisanga : Lk22 :44-46; Mt 14:32-42; Mt26:40-45.

Kuwa gatanu nimugoroba, habaye kumurika ibihangano mu byiciro bitanu (5); imivugo, ikinamico, indirimbo, imbyino, inkuru zishushanyije, ibyatoranyijwe byari 39, muri byo, Diyosezi ya Nyundo yari ifite ibihangano 10.

Igihembo cya mbere mu mivugo cyahimbwe na Maniraguha François wa Diyosezi ya Nyundo. "Banyamutima turabe maso".

No mu nkuru zishushanije: "Radio rukundo"

"Imibereho y'abantu" nabyo ni ibya Maniraguha François. Ibihembo byagombaga guhembwa batatu ba mbere(3) muri buri cyiciro.

Kuwa gatandatu wari umunsi wo gusoza. Wabimburiwe n'igitambo cya Missa cyabereye ku kibuga cy'umupira cya paroisse ya Rwaza saa tatu za mu gitondo, kiyobowe na Musenyeri Kizito BAHUJIMIHIGO Umushumba wa Diyosezi ya Kibungo akaba n'Umuyobozi wa Diyosezi ya Ruhengeri, akikijwe n'Abasaserdoti, urubyiruko rw'abanyamutima bari muri forum bambaye umwambaro ubaranga, abanyamutima ba Diyosezi ya Ruhengeri n'abandi banyamutima bakuru baturutse mu ma Diyosezi yose baherekeje urubyiruko, abakristu benshi cyane ba paroisse ya Rwaza,

buzuye ikibuga no hakurya mu musozi.Oh! mbega ibyiza! Ijuru rya Rwaza ryabengeranaga ibyishimo! Nyuma y'igitambo cya Missa hakurikiyeho imikino yatoranijwe muri ibyo bihangano bya Forum.

Mu ijambo Musenyeri yavuze asoza forum, yabanje gushimira abayiteguye, ashimishwa n'uko bahisemo Diyosezi ya Ruhengeri ngo abe ariho ibera. Yabwiye urubyiruko n'abanyamutima ndetse n'abakristu bose ko kwitagatifuriza mu Mutima Mutagatifu wa Yezu bifite agaciro gakomeye. Yezu ati: "Mwebwe, amaso yanyu arahirwa kuko abona, n'amatwi yanyu arahirwa kuko yumva. Ndababwira ukuri : abahanuzi benshi n'intungane nyinshi bifuje kubona ibyo muruzi ntibabibona, kumva ibyo mwumva ntibabyumva"! (Mt13,16-17). Kiliziya yose muyisabire ingabire yo kugendera mu matwara ahuje n'aya Kristu Yezu ubwe nk'uko insanganyamatsiko yanyu ivuga, guhera ku Mushumba wa Kiliziya n'abafasha be bose. Yasabye urubyiruko ngo niba umuryango ari uw'abasaza n'abakecuru, nibawinjizemo amaraso n'amatwara mashya bawushyushye, yasabye n'abakristu bose muri rusange kumenya gutuza mu gihe ushengereye Yezu mu Ukaristiya, ukamutega amatwi akakuganiriza. Dukunde, dushime, dusingize Umutima Mutagatifu wa Yezu udukunda twese, Soko idakama y'ingeso nziza zose.

Uwari uhagarariye Ubutegetsi bwite bwa Leta nawe mu ijambo yavuze, yashimiye Kiliziya Gatolika igikorwa nk'icyo cyo guhuza urubyiruko barutoza umuco mwiza, baruha n'uburere bwiza bwa gikirisitu buzatuma bavamo abantu babereye Imana n'Igihugu. Yasabye Ubuyobozi bwa Diyosezi na paroisse ko igihe bateguye igikorwa nk'icyo bajya bamenyesha inzego za Leta guhera hasi, netse na Ministère y'urubyiruko kugira ngo bagitere inkunga byaba mu bitekerezo ndetse no mu bikorwa.

Habaye umupira w'amaguru wahuje ikipe ya santrali ya Rwaza n'ikipe y'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye ya paroisse ya Rwaza, santrali ya Rwaza iyitsinda ibitego 2 kuri 1.

Ku mugoroba w'uwo wa gatandatu habaye igitaramo gisoza; hatangwa ibihembo by'ibihangano byarushije ibindi.

* Ibihembo bya mbere muri buri cyiciro bahawe: Bibiliya Ntagatifu, Igitabo cy'Umuryango, Ishusho y'Umutima Mutagatifu wa Yezu, Radio, Umudari.

* Ibihembo bya kabiri bahawe: Bibiliya Ntagatifu, Igitabo cy'Umuryango, Radio, Umudari.

*Ibihembo bya gatatu bahawe: Bibiliya Ntagatifu, Radio, Umudari.

Diyosezi ya Nyundo bose bahawe ibihembo muri 3 bya mbere. Abana bose bazanye ibihangano, batahanye Radio, Umudari n'Umusaraba.Abana bose babyitabiriye batahanye urwibutso rwa Forum: foulard, Umusaraba, n'Ifishi bazajya bazana, yizwe neza iriho Ishusho y'Umutima Mutagatifu wa Yezu bazajya bitwaza igihe habaye indi Forum.

Igitaramo cyarakomeje, Radio Mariya Rwanda yahaye abana urubuga bavuga ibyo bakuye muri Forum, n'ibyo bifuza mu bihe bizaza.

Benshi bahuriye ku mbuto z'ubutagatifu bavanye mu nyigisho bahawe, ndetse n'abaje ari indorerezi bahava babaye abanyamuryango. Birumvikana ko abana bifuje ko Forum yajya iba buri mwaka muri buri Diyosezi. Komite Nationale y'umuryango iteganijwe kuzabera muri Diyosezi ya Kibungo ku itariki ya 14 kugeza ku ya 16 Ugushyingo 2008 izabyigaho.

" Mutima wa Yezu ugenga imitima yose ukayihuriza hamwe, utubabarire".

REKA DUSHIMIRE

Ubuyobozi bw'Umuryango mu rwego rw'Igihugu n'abanyamutima bose ;

Turashimira mbere na mbere Umushumba wa Diyosezi ya Kibungo akaba n'Umuyobozi wa Diyosezi ya Ruhengeri Musenyeri Kizito BAHUJIMIHIGO wemeye ko Forum ya mbere y'urubyiruko rw'abanyamutima ibera muri Diyosezi ayobora.

Turashimira cyane Padiri Bonaventure TWAMBAZIMANA wagize icyo gitekerezo cyo guhuza urwo rubyiruko rw'abanyamutima kandi akabishyiramo ubwitange bukomeye mu myiteguro kugira ngo bizagere ku ntego.

Turashimira abanyamutima bose, by'umwihariko, aba Diyosezi ya Ruhengeri bateguye Forum mu bitekerezo, mu bikorwa no mu mibereho y'abana.

Turashimira byimazeyo abakristu bose ba paroisse ya Rwaza ubwitange bukomeye bagaragaje bagemurira abana ibibatunga iminsi itandatu yose(6 jours), ngutwo udufuka ku mutwe, udukapu, utubegeti, bazamuka iyo misozi ihanamye y'UMURERA n'udukoni mu ntoki.

Turashimira n'abandi baterankunga badufashije muri iyo Forum, ari abatanze ibiganiro, n'izindi nkunga zinyuranye.

Turashimira Ubuyobozi bw'Ikigo cya APEDI Marie Reine Rwaza uburyo bakiriye abo bantu bose bakababonera aho barira, baryama, kuvurwa n'ibindi. Abo bose Imana ibahe umugisha.

*"Mutima wa Yezu, Gicaniro cy'urukundo, utubabarire".*

MFITE INYOTA !

*"Nimugire mu mitima yanyu amatwara ahuje n'aya Kristu Yezu ubwe" (Phil 2:5).*

KAMPOGO Rosette
Umuyobozi wungirije w'Umuryango w'Umutima
Mutagatifu wa Yezu mu rwego rw'Igihugu
Paroisse Stella Maris Gisenyi /Diyosezi ya Nyundo.

## ISENGESHO IBIRYO BY'UMUKRISTU

*1. Isengesho ni iki ?*

Isengesho ni ikiganiro usenga agirana n'Imana Data nkuko Yezu Kristu yabyigishije intumwa ze agira ati : "Igihe musenga mujye mugira muti: Dawe uri mu ijuru..."(Mt 6,9-13). Kuganira n'Uwaremye isi n'ijuru, ibiboneka n'ibitaboneka, Imana itagaragara ariko itwumva (Mt.6,6). Ni Imana yaremye muntu mu ishusho ryayo kandi ikaba Imana ishobora byose. Igihe dusenga duhura nayo buri wese ku giti cye kandi ikaganira natwe aho duteraniye babiri cyangwa batatu kuko aba ari hagati yacu.

*2. Umuntu ashobora kwibaza ati : ese ni hehe nshobora gusengera cyangwa ni gute wasenga by'ukuri ?*

Mu by'ukuri Imana iba hose, ni ukuvuga ko igihe cyose umuntu ateruye isengesho ashyikirana n'Imana byongeye kandi uyobowe n'ukwemera ashobora gusengera aha hakurikira :

* uri mu nzira ugenda , * uri cyangwa wicaye imbere y'ibyo Imana yaremye, * mu nzu yawe, * mu murima, * mu Kiliziya ndetse no mu ishyamba. Ariko ahantu koko hadufasha kuganira n'Imana ni mu Kiliziya aho ureba taberinakuro ndetse na rwa rumuli rutubwira ko Yezu ahari we ubwe n'umubiri we. Bigushobokeye washaka ahantu hatuje cyangwa se aho uri wenyine, urugero nko mu cyumba cyawe aho washobora gushyira umusaraba cyangwa se indi shusho ya Kristu igufasha kwibuka no kurangamira uwaje kudukiza. Ni ngombwa kandi gushaka ahantu haboneye hadatuma utwarwa n'ibitotsi cyangwa se ibindi byatuma umutwe wawe udatekereza umurimo urimo gukora.

*3.Uburyo bwo gusenga*

Hari uburyo bunyuranye umuntu ashobora gukoramo isengesho. Muri bwo navuga : isengesho rya bucece bita : méditation mu ndimi z'amahanga, isengesho ryo gusingiza Imana bita : louange ; adoration aribyo gushengerera Isakramentu ritagatifu ndetse n'isengesho rya Misa.

a)Isengesho rya bucece ariryo bita Méditation, si akanya ko kwereka Imana icyo ari cyo cyose dukeneye ngo uheranwe no kwitekerezaho byatuma wumva ko Imana igomba gukora ibyo wifuza gusa, ahubwo ni akanya ko gutega Imana amatwi ukayireba mu byiza yaremye, ukayisenga ukayisingiza, ukayishima kandi ukayikunda yo Soko y'ibyiza byose, Yo izi ibikugoye n'ibyo ukeneye ikanabiguha utanabisabye (Mt 6,8). Mutagatifu Karoli wa Faucauld (soma Karoli wa Fuko) niwe wagize ati : « Gusenga ni ugutekereza Imana mu gukunda isengesho rya bucece ».

b) Isengesho ryo gusingiza Imana ariryo bita louange ni umwanya wihariye wo kugaragariza Imana ko wishimiye urukundo rwayo kuri wowe ukabigaragaza mu ndirimbo, mu mbyino, mu bisingizo, imivugo n'ibindi(Fil 4,4-6). Gusingiza Imana ni igikorwa gituruka ku mutima, gusingiza Imana ni ukurata ubuhangare bwayo butagereranywa, ni ukurata urukundo rwitanga rutizigama nk'urwo Imana

yatugaragarije iduha Umwana wayo w'ikinege Yezu Kristu waje mu isi kuducungura, ni ukurata uwamanitswe ku giti cy'umusaraba akaronkera isi umukiro.

c) Adoration aribyo gushengerera, uwabikoze kandi akabyandika Nyiricyubahiro Musenyeri Kizito BAHUJIMIHIGO Umwepisikopi wa Kibungo yarabisobanuye byiza cyane mu gitabo cye yise : « Ibanga ryo gusenga ». Ndakurarikira ku gisoma ugahura n'uwakwihangiye.

d) Isengesho rya Misa naryo sindivugaho byinshi kuko Abasaseridoti babivuga kenshi, gatigisimu nayo irarivuga bityo tukarushaho kwinjira mu gitambo cya misa tuzi neza ko ari isengesho umuntu wese ahuriramo n'Imana mu bice bibiri by'ingenzi bigize isengesho rya misa aribyo : kwamamaza ijambo ry'Imana, no gutura igitambo cy'Ukarisitiya.
*Misa ni iki ?* Mu rurimi rw'igifaransa bavuga Messe, aribyo bivuga la célébration Eucharistique ; Eucharistie bikavuga action de grâce cyangwa se remerciement.

Kiliziya ishimira Imana kubera ibyiza byose idukorera by'akarusho yemeye kudutangira Umwana wayo Yezu Kristu kugira ngo tugire uruhare mu ngoma y'Imana. Ni gute washimira Imana kubera urwo rukundo ? Ni iki wakora kugira ngo ushimire Imana byuzuye ? Mu isengesho rya Misa nkuko Nyiricyubahiro Musenyeri Kizito abivuga ni Yezu ubwe uza mu ijambo rye, ndetse akituraho igitambo, ifunguro n'inshuti tubana. Ni byiza ko mu gitambo cya Misa nagombye, wagombye kuhaba wese n'umutima wawe wose kandi ukihatira kwumva no kwakira Yezu Kristu mu ijambo rye ndetse no mu Isakramentu ry'Ukaristiya. Munyemerere ntandukire gato mbwire abantu bafungura telefone mu Misa ko ntawe ukeza abami babiri, abavuga ishapule mu gitambo cya Misa rwose nimusigeho kunyura mu nzira ebyiri icyarimwe.

*4. Gusenga ni igikorwa cy'Imana n'igikorwa cy'umuntu ku giti cye.*

Igihe utangiye gusenga ntabwo uba uri wenyine Imana iba iri hafi yawe kuko igihe uyihamagaye ikwitaba bwangu. Ni byiza kumenya ko igukunda, ukayitega amatwi kuko iba ikwitayeho, ntihinduka Yo ihora ari indahemuka. Igihe usenga ugasa nk'uwibagiwe ukarangara, ugasohoka muri ryo ntugacike intege ngo wumve ko wasenze nabi Imana ikaba itakumvise, Imana yonyine ireba imitima, izi agaciro k'isengesho ryawe, izi ubushake bwawe, izi kandi n'ibyifuzo byawe. Ni ngombwa kuyirekurira, kuyikingurira imitima kuko yaduhaye Roho Mutagatifu ngo ajye adufasha kandi atuyobore, ni ngombwa rero kureka cyangwa kwemerera Roho Mutagatifu agatura mu mitima yacu kugira ngo dusenge tuyobowe na we.

*5. Senga Imana Data*.

Intumwa za Yezu zaramubwiye ziti : "Mwigisha twigishe gusenga". Nawe ati : Igihe musenga mujye mugira muti: "Dawe uri mu ijuru..."(Lk11,1-4). Ni byo koko Imana Data Umubyeyi wacu niwe dukwiye gusenga wenyine. Nta kindi tugomba kumubangikanya cyangwa kuyibangikanya nacyo kuko niwe Nyagasani Imana imwe rukumbi (Ivugururamategeko 6,4). Yezu nawe yigishije intumwa ze gusenga Imana Data nkuko nawe yabikoze mbere y'uko atora intumwa ze (Lk6,12-13), ndetse na mbere y'uko afatwa ngo yicwe (Yh17,1-26).

Nta wundi wundi tugomba kubwira ibituri k'umutima uretse Imana Umuremyi wa byose, ntabwo tugomba gusenga ababyeyi bacu, abavandimwe, inshuti, ahubwo tugomba gusenga Imana Data Umubyeyi udukunda byahebuje. Ntabwo tugomba gusenga Imana tuyisaba ubuzima, n'ibindi... ahubwo tugomba gusaba ko Ingoma yayo yogera hose, izina ryayo ngo ryubahwe, ugushaka kwayo gukorwe mu nsi nkuko gukorwa mu ijuru.

**Kubera iki dusaba ibyo ?*

Ni uko Imana ituzi, izi n'ibyo dukeneye bya buri munsi, Imana Data iri hejuru y'ibiriho byose niyo igomba gufata umwanya wa mbere mu buzima bwacu kuko ari nayo ibutanga, ishobora byose, wikumva ko icyo ushaka aricyo yakora ahubwo icyo ishaka abe aricyo gikorwa, zirikana ko Imana ari urukundo(Lk12,28-32).

Ni ahawe nanjye ngo duharanire gukora ugushaka kw'Imana. Nsabira, ngusabire twese dufatane urunana ngo tuzahurire mu bwami bwa Data, niyo waba wumva waracitse intege, wihebye,

zirikana Yezu uri ku musaraba ku wa gatanu mutagatifu wenyine hagati y'ibisambo bibiri, arakubwira ati : "Ni wowe nababariye, ni wowe nitangiye, ni wowe napfiriye, kandi mfite inyota yo gukunda no gukundwa nawe".

Umubyeyi w'abakene adusabire iteka gukora ikinyura Imana.

Imana iduhe umugisha.

Godelieve UWAMARIYA
Maison de Formation des
Soeurs Bernardines / Butare

## YEZU NIWE WITORANYIRIZA INTORE

Byabaye akamenyero ko mu mpeshyi hirya no hino mu Rwanda hatangwa Isakramentu ry'Ubusaserdoti. Diyosezi ya Nyundo si iya nyuma muri icyo gikorwa. Ni muri urwo rwego Paruwasi Gisovu yibarutse Padiri Jean Colbert NZEYIMANA, ariko akaba yarahawe ubutumwa muri paruwasi Crête Congo-Nil; Paruwasi iri ahantu h'imisozi miremire ihuje "climat" n'iya Paruwasi ya Gisovu. Ibirori byo kumuramburiraho ibiganza, akarambarara ku butaka, agasezerana, byabereye aho muri paruwasi avukamo ku wa gatandatu tariki ya 26/07/2008. Abakristu batabarika bari aho, barishima bishyira kera, barabyina kandi bashimira Imana kubera ubutoni n'ubuntu Jean Colbert yagiriwe na Rurema.

Imbuto y'uburere yaragaragaye,
Arakurikira amenerwa ibanga
Akora icyo Nyagasani yifuza
None agaragaje ko ari Intore
kazategerwa yombi n'abamukuriye.

Amaze kwakira ingabire ihanitse no gusezerana kumvira abamukuriye, yemeye gutangira ubutumwa muri paruwasi Crête Congo-Nil kandi ahabwa n'inshingano zitandukanye harimo n'izi zikurikira:

- Gutoza abo ashinzwe gusenga, akora imirimo yose ashinzwe harimo kugeza ku bantu bose ubutumwa bwiza no gutanga Amasakramentu ku bayakeneye.
- Kwakira neza no gufasha abakristu bakorera urugendo rutagatifu ku Ngoro y'Umubyeyi w'Abakene i Crête Congo-Nil.
- Kubera umufasha ukwiriye Padiri Mukuru Jean Marie Muzeyi Sekabara, akamugerera aho atagiye dore ko ibintu byose abikorana ibakwe, kandi akanyaruka nka ya ndege bita "Kajugujugu"mwese muzi; bityo paruwasi Crête Congo-Nil ikazabera izindi icyitegererezo, ikaba paruwasi Ndatwa yo muri Nyundo, nk'uko Umushumba wayo Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere yabyifuje. Tuzi neza ko icyifuzo cy'Umubyeyi aba ari nk'itegeko; bityo rero gishyirwa mu bikorwa uko abyifuza. Ba nyirubwite nababwira iki, kumvira uwo Mwungeri bisanzwe, kandi mwese byabagezeho, dore ko yanabivugiye mu mbaga itabarika y'abakristu bari baturutse impande zose bari baje kwifatanya na Jean Colbert Nzeyimana mu byishimo yagize kuri 26/07/2008. Abo muri paruwasi Crête Congo-Nil byarabanyuze, bataha baririmba « Crête Congo-

Nil paruwasi Ndatwa yo muri Nyundo". Ibizakorwa ariko kugira ngo iyi nteruro ishyirwe mu bikorwa, ni byinshi; njye nkeka ko hazaba n'umurongo ngenderwaho w'ibitekerezo.

-Gutoza abana batoya n'urubyiruko uburere bwiza, kugira ngo bazubake neza Kiliziya ya Nyagasani. None se Crête Congo-Nil yaba yaracuze itakibyara? Dore ko yari imaze kwibaruka Abapadiri barindwi gusa; ubwo rero izagire ababakurikira n'abahererezi.

Ariko ubwo ibaye Paruwasi Ndatwa, izagire n'imihigo mu kubyarira Uhoraho, bityo Abasaserdoti biyongere. Kandi n'Abihayimana bazaboneke kuko n'igitsina gore kigaragara cyane muri Kiliziya. Njye mbona izarushaho gutera imbere mu bikorwa bya Roho n'iby'umubiri ku bantu bose bayibarizwamo.

Jean Colbert abaye ikirondamfura muri paruwasi ya Gisovu. Njye ndizera nta gushidikanya ko azakurikirwa na benshi, kandi n'aho agiye hakagira ishaba, kubera ubushake, umurava, amahirwe n'igikundiro namubonanye.

Ingingo y'uburere bwiza yabaye nk'insanganyamatsiko y'uwo munsi mu nyigisho y'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere ; yaboneyeho kugaragaza atanga n'ingero, ko imyaka yeze ariko abasaruzi bakaba bakeya ; n'ubwo Umubyeyi Bikira Mariya afasha ku buryo bugaragara Diyosezi ashinzwe kuyobora (dore ko ari we yaragijwe), hakaboneka urubyiruko ruhabwa Isakramentu ry'Ubusaserdoti, ariko baracyari bake cyane ugereranyije n'abakenewe muri iki gihe kuko centrales zifite abakristu benshi kandi zikora neza, ziteganyijwe kuba paruwasi ari nyinshi.

Tuzirikane kandi igisubizo akunze guha abakristu mu gihe bamusabye Abasaserdoti bababa hafi, « Ababyeyi bakwiye kurera neza, bakarerera Kiliziya ya Nyagasani », kandi « bemera kubatanga kugira ngo abiyegurira Imana baboneke uko bikwiye » ; ati : « none rero ntimuzambaze abo mutampaye ngo mbafashe kurera ». Ababyeyi rero barasabwa kureba kure, batekereza kuri Kiliziya y'ejo no guteganyiriza abana babo, kuko gukorera Nyagasani ari ugukorera ubugingo buhoraho, kandi ntawe bipfira ubusa keretse iyo atatiye igihango yagiranye nawe.

- Ni nde wabuze vocation bimuri ku mutima ?
- Ni nde wiyemeje gukorera Imana akabura imbaraga ?
- Ni nde mukozi w'Imana wabuze amahoro ?
- Ni nde ukorera Uhoraho wishwe n'inzara ?
- Ni nde wabuze icyo yambara yariyemeje kuba intumwa nyayo ?
- Ni nde waheranywe n'ibibazo kandi ibisubizo bihora imbere ye ?
- Ni nde Mutoni w'Imana uganzwa n'ibigeragezo ?
- Ni nde se ukorera Nyagasani wagize igihombo ?
- Ni nde ukorera Rurema utizera kuzabana nawe ubuziraherezo ?
- None se hari « *ejo nzamera nte* ? » ku biyeguriye Imana !

Rubyiruko namwe muzirebere, mushishoze ibyo mbabwira nimusanga atari ukuri muzambwire, nituburana nzabatsinda, kuko nzatanga ubuhamya n'ibimenyetso bifatika, kandi bigaragarira abababona. Ngaho rero nimwiteganyirize igihe kikiriho.

Ihitiremo gutorwa na Yezu, kuko aribwo uzagira ubuzima buzira umuze.

Jacques NTARUVUGIRO

**BIKIRA MARIYA AFITE ABAYOBOKE**

Umunsi mukuru w'Umubyeyi w'Abakene wizihizwa n'abakristu batagira ingano, ariko abaza ku Ngoro ye i Crête Congo-Nil ni ibihumbi n'ibihumbagiza.
None se waba warahanyarukiye kuri 15 z'ukwa munani 2008 ? Abakristu ba Diyosezi ya Nyundo bose ntawe usigaye inyuma uretse abafite imbaraga nkeya, baje kwizihiza uwo munsi mukuru utagira uko usa ;

-Umunsi mukuru abenshi baba batezeho ibitangaza ;
-Umunsi mukuru abenshi baba batezeho ubutumwa bwiza ;
-Umunsi mukuru abenshi baba batezeho ibyishimo;
-Umunsi mukuru abenshi baba batezeho amahoro n'amahirwe ;
-Umunsi mukuru abenshi baba batezeho kwiteganyiriza igihe kizaza ;
-Umunsi mukuru abenshi baba baje gushimira uwo Mubyeyi ;
-Umunsi mukuru abenshi baba baje kumuhamiriza ukwemera bafite ;
-Umunsi mukuru abenshi baba baje kumuhamiriza ukwiringira bamufiteho ;
-Umunsi mukuru abenshi baba baje gufatanya nawe gusabira iyi Si dutuye ;
-Umunsi mukuru abenshi baba baje kuvugurura amasezerano bagiranye nawe ;
-Umunsi mukuru abenshi baba baje kumutura ibibarushya n'imisaraba yabo muri rusange ;
-Umunsi mukuru abenshi baba baje kumwiyegurira, kumwegurira ababo n'ibyabo kugira ngo amahoro bakesha umuhungu we atabacika.

▪None se ni iki cyakubuza kuhagera ? Wabura ingingo n'imwe utungaho agatoki mu zimaze kuvugwa haruguru ?
▪None se wabura ikintu waza ugambiriye kumwereka no kumusaba, kuko umufite aba afite ubukungu butagira ingano kandi ntacyo ushobora kumusaba ufite ukwemera ngo witahire amara masa !!!

**Umunsi mukuru wanyuze benshi !**

Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, yibukije Intama ashinzwe iby'uwo Mubyeyi utagira inenge kandi wahebuje bose imigisha.
-Yatangiye avuga ko ari umunsi wo kwamamaza ibitangaza Imana yagiriye Bikira Mariya ;
-Avuga kandi asobanura amagambo ari mu ndirimbo « Magnificat » ;

-Yasabye buri wese kuzirikana icyamuzanye no kwishimana n'Umubyeyi ;
-Yatinze ku Butoni bwa Bikira Mariya Umubyeyi w'Imana n'uwa Kiliziya ;
-Bikira Mariya wakiriye ubutumwa bwiza, bituma aba Umubyeyi w'abemera n'uwa Kiliziya muri rusange ; akaba Umubyeyi utagira uko asa ; n'urupfu rukaba rwaratinye no kumuherana kuko aganje ijabiro mu Ijuru, akaba Umugabekazi n'Umwamikazi. Ni Inyange yera de ku bagira amahirwe yo kumwibonera.
Ni iki se Abalayiki bakora muri Kiliziya batavuze ngo bafite umuvugizi Bikira Mariya ? Abakristu Gatolika bo barahirwa, ariko ntibirare batagwa mu mutego w'umwanzi, bavuga ngo Bikira Mariya ahora abasabira batamwubaha ntibanasenge. Bakwiriye kumureberaho mu kumvira, kubaha no gukunda, bakamureberaho kwihangana no kugeza kuri bose inkuru nziza y'umukiro nkawe. Bakamenya kandi ibyo Umubyeyi w'Abakene yadukereye, akaba anatwitaho igihe cyose ; bakabitangira ubuhamya aho bari hose.
- Isi yaragomye arayisabira,
-Abatuye isi batana akabagarura ;
-Batatira igihango akakivugurura ;
- Ingo z'abakristu zasenyuka akaziba hafi agambiriye kuzisana ;
- Ntacyo adakorera abana be bamukunda kuko abigaragariza aho bari hose ; haba mu ngo cyangwa mu kazi ; haba mu nzira no mu muhanda ; haba mu kazi cyangwa ntako ; haba mu bibazo n'ibigeragezo ; haba mu byishimo no mu mibabaro ; haba mu buhungiro no muri gereza ; haba mu bukire no mu bukene, haba mu gusubiza ibyo tumwisabira ndetse akanatumenyera ikidukwiye akanatwihera ibyo dukenera kandi akadusabira imbaraga tugatsinda umwanzi w'abamukunda ; tugaca no mu mitego y'abanzi ; akadutwikira igishura cy'Ubusugi kandi akaduhisha mu mutima we utagira inenge.

Yibukije kandi umwaka wahariwe Intumwa Paulo Mutagatifu, asaba buri wese kuzaharanira kumukurikiza, kandi tukazabera Yezu Kristu barumuna ba Paulo Intumwa ye. Muri uyu mwaka rero buri mukristu akwiye kumenya neza amateka n'uguhinduka kwa Sauli, agatekereza ku mihigo nka ya yindi Sinodi yadukanguriye kugenderaho, agafata ingamba, bityo agaharanira gukorera Nyagasani nta kwishisha, nta bwoba, azirikana ko igihe kizagera agahabwa ikuzo.

**Crête Congo-Nil, Paruwasi Ndatwa yo muri Nyundo**

- Yagizwe Indatwa n'amateka yayo muri Kiliziya ;
- Yagizwe Indatwa n'Umubyeyi w'Abakene waje agambiriye kudukiza ;
- Yagizwe Indatwa n'Abakristu baza buri gihe kuhasengera bafite ukwemera kudasanzwe ;
- Yagizwe Indatwa n'abakristu bayo bagaragaje imbaraga zabo mu kubaka iyo paruwasi ;
-Yagizwe indatwa n'ibikorwa biharangwa, birimo Ingoro y'Umubyeyi, inzira y'Umusaraba n'inzira y'Ububabare bw'Umubyeyi Bikira Mariya.
-Yagizwe Indatwa n'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo ubwo yabivugiraga i Gisovu ati : Crête Congo-Nil nyihaye Padiri Jean Colbert NZEYIMANA, umusore w'intarumikwa, ahasange Padiri Jean Marie Muzei SEKABARA akaba inararibonye muri Kiliziya, izaba Paruwasi Ndatwa bareberaho. Dutekereze se ku byaranga iyo Paruwasi !!!
Buri wese afite uko abibona ariko ibyo ntekereza ndabibagezaho :

- Nka paruwasi yakira abakristu batagira ingano, baza bagambiriye gusengera ku Ngoro y'Umubyeyi, yabera abandi urugero mu gukunda Bikira Mariya.
- Kubera abandi urugero mu gushengerera Yezu mu Isakramentu ry'Ukaristiya, ntibikorwe rimwe cyangwa kabiri mu cyumweru.

- Kubera abandi urugero mu kwita ku Masakramentu atagatifuza abo Nyagasani yayaremeye. Penetensiya ntibayihunge, kugira ngo bahabwe Kristu Funguro ry'ubuzima buri gihe batunganye.
- Kubera abandi urugero mu gukurikira Yezu mu Nzira y'Umusaraba, kumvira no kwicisha bugufi nkawe.
- Kubera abandi urugero mu kwamamaza Inkuru nziza y'umukiro Yezu yatuzaniye. Abamwemera bakamubera abahamya aho bari hose, bakamubera abalayiki n'Abiyeguriyimana bujuje ibyangombwa nka Paulo Mutagatifu cyangwa izindi Ntumwa yihitiyemo
-Kubera abandi urugero mu kwigisha ababana badasezeranye no gutoza urubyiruko kubana neza nk'abakristu, kugira ngo batazagwa muri uwo mutego.
-Kubera abandi urugero mu gushinga no gukurikirana amatorero y'abana, kwita ku rubyiruko muri rusange no kurutoza kubaka Kiliziya ya Nyagasani.
-Kubera abandi urugero mu kwita ku bikorwa by'urukundo bigaragarira ku batishoboye, abaciye bugufi, abari mu kaga n'indushyi.
-Kubera abandi urugero mu rukundo, rwa rundi rutuma ubukristu butubyarira ubuvandimwe nyabwo, twarabyiyemeje.
-Kubera abandi urugero mu kubaka no gukomeza imiryango-remezo igashinga imizi, yo Kiliziya y'ibanze kandi ubutumwa bwose bukayigaragariramo.
-Kubera abandi urugero mu gukurikiza no gushyira mu bikorwa inshingano z'ama komite kuko zihari mu byiciro bitandukanye.
-Kubera abandi urugero mu gukurikiza amategeko y'Imana, aya Kiliziya n'amabwiriza duhabwa n'abatuyobora.
-Kubera abandi urugero mu guca burundu ibintu byose bishobora gutuma habaho Abagarukiramana muri Kiliziya.
-Kubera abandi urugero mu kugendera no gushyira mu bikorwa imihigo y'abavandimwe aka ya ntero Umwungeri yateye, abo muri Nyundo bakikiriza.
-Kugaragariza abandi ubumenyi bafite mu byerekeranye n'ingendo ntagatifu kandi bakagaragaza ko Icyirezi bambaye bagikoreye ko kitazigera gihindana.
-Kugira ibikorwa by'amajyambere bishamikiye kuri Kiliziya, kugira ngo Roho nziza ishobore kuba mu mubiri muzima.

Si abaje aho i Crête Congo-Nil gusa baharonkera ibyiza, ahubwo n'abataje barabasabira kandi bakabatura Imana n'Umubyeyi Bikira Mariya :
-Abasaserdoti aho bari hose ;
-Abihayimana muri Kiliziya;
-Ingo z'abakristu muri rusange;
-Abapfakazi n'imfubyi;
-Abandi bababaye ku bundi buryo;
-Abayobozi b'inzego zitandukanye;
-Urubyiruko rw'u Rwanda, Kiliziya iri imbere aha hazaza;
-Abanyarwanda bafite ibikomere n'abandi bose muri rusange.

Kwizihiza iminsi mikuru itegekwa na Kiliziya ni ingenzi kuko bidufasha kugarukira Imana kandi tukaharonkera byinshi; ni muri urwo rwego nyuma yo gusoma iyi nyandiko twayihuza n'ibyo tuzi, ubumenyi n'ibitekerezo dusanzwe dufite, kugira ngo turusheho kubaka Kiliziya ya Nyagasani; tukamwumvira kandi tumwubaha nk'Umubyeyi Bikira Mariya; tumukorera kandi tumwamamaza nk'Intumwa Paulo Mutagatifu.

Duharanire kandi kuba abatoni b'Umubyeyi Bikira Mariya twirinda agatotsi cyangwa icyadutandukanya n'uwo Mubyeyi utagira inenge bityo tumubere n'abahamya aho turi hose. Njyewe nzikundira uwo Mubyeyi.

Jacques NTARUVUGIRO
Paroisse Crête Congo-Nil.

## IMIBEREHO YA GIKERI GERARD UMULAYIKI W'INTANGARUGERO

Gikeri Gérard yavutse mu mwaka wa 1944 mu Kagari ka Gora, Umurenge wa Cyanzarwe, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba.

Yahawe Isakramentu rya Batisimu mu mwaka wa 1955 muri Paruwasi ya Busasamana. Yarangije imyaka itanu y'amashuli abanza mu mwaka wa 1960.

Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI amaze gushinga umuryango w'urubyiruko gatorika rw'abahungu n'abakobwa (UGA) muri Diyosezi ya Nyundo mu mwaka wa 1959, Gikeri Gérard wari ukiri umusore ufite amatwara y'amajyambere ahita awutangiza muri Paruwasi avukamo ya Busasamana, awushishikariza urwo rubyiruko. Icy'ingenzi kwari : guhuza ibitekerezo, kurebera hamwe ibibazo, inzitizi urubyiruko ruhura nazo, no kwishakira ibisubizo mu kwitegura gushinga urugo.

Bwana Gikeri Gérard yahawe Isakramentu ry'ugushyingirwa mu mwaka wa 1961 hamwe n'umufasha we Nyirabyago Josephine bari barahuriye muri uwo muryango wa UGA.

Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI amaze gushinga muri Diyosezi umuryango w'abubatse ingo mu mwaka wa 1962, ariwo Agisiyo Gatorika y'Ingo (AGI), ba basore n'inkumi bari muri UGA bamaze gushyingirwa barimo Gikeri Gérard bahise binjira muri uwo muryango wa AGI, bwana Gikeri aba ariwe uwuyobora bwa mbere muri Paruwasi ya Busasamana mu gihe cy'imyaka icyenda.

Kubera ubuhanga n'ubwitonzi n'ubushobozi, Inararibonye Gikeri Gérard yayoboranye uwo muryango w'AGI muri Paruwasi, mu mwaka wa 1971 Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI amushinga kuyobora uwo muryango w'AGI mu rwego rwa Diyosezi ya Nyundo yari igizwe na Gisenyi- Kibuye na Cyangugu.

Umulayiki w'intangarugero Gikeri Gérard, afatanya na Musenyeri Ludoviko GASORE wari Igisonga cya Musenyeri maze umuryango w'AGI bawugeza mu zindi Diyosezi za Ruhengeri, Byumba, Kibungo, Cyangugu na Paruwasi ya Rwankuba Diyosezi ya Kigali.

Kubera ubwenge kavukire Umulayiki Gérard yiherewe na Rurema, mu mwaka wa 1976 mu nama yabereye i Remera ya Kigali ihuje Abasaserdoti n'Abihaye Imana ndetse n'Umuyobozi w'Igihugu ayirimo, Gikeri yasobanuye umuryango AGI icyo ari cyo n'icyo ugamije, bituma wongerwaho izina rya M.F.R (Mouvement Familial Rural).

Guhera ubwo Gikeri ayobora AGI mu rwego rw'Igihugu.

Kubera icyizere mu mwaka wa 1984 Musenyeri amuha ubutumwa bwo guhagararira AGI mu nama Mpuzamahanga mu Gihugu cya Espagne, gusuzumira hamwe n'abakristu gatorika b'abahinzi bo mu cyaro, ibyerekeye imibereho yabo, ahavana ubumenyi bw'umuryango n'uburyo umukristu w'iki gihe yarushaho kwiteza imbere kuri Roho no ku Mubili. Agarutse ibyo avanyeyo abikwirakwiza muri za Diyosezi zirimo umuryango w'AGI.

Mu mwaka wa 1990, Umulayiki Gikeri Gérard yaserukiye AGI mu rwego rw'Igihugu igihe Nyirubutungane Papa Yohani Pawulo wa II yaje mu Rwanda, mu gitambo cy'Ukaristiya cyabereye i Nyandungu ya Kigali.

Mu bikorwa muri paruwasi avukamo yatangaga urugero rwiza mu guharanira isengesho no gukoresha amaboko mu Kagari avukamo ku buryo muri ako Kagari ka Gora biteje imbere cyane cyane mu buhinzi bw'imboga, dore ko begereye isoko rya Bazirete – Cyanzarwe.

Gérard yari umujyanama w'ingenzi mu nama nkuru ya paruwasi ya Busasamana, akaba n'umuhereza w'Isakramentu ry'Ukaristiya mu gitambo cya Misa.

Ubutwari n'umurava bw'iyo nyangamugayo ntiyabugaragarije gusa Kiliziya, no mu mirimo ya Leta yahabaye intwali aho yatorewe kuyobora : Akagari, Komite y'Abunzi no kuzamura ubukungu bw'abahinzi n'aborozi.

Mbese yabaye intangarugero koko muri byose. Ingorane n'ibibazo yahuye na byo mu mibereho ye ; Gikeri yagize uburwayi bw'igifu bukomeye cyane, akavurirwa mu mavuliro atandukanye, ariko yakoroherwa agakomeza imirimo y'ubwitange mu guharanira kwogeza inshingano z'abashakanye baharanira kwiteza imbere mu rukundo no gufashanya muri byose.

Bityo Roho nzima igatura mu mubiri muzima. Mu ngorane ariko yahuye nazo cyane ni URUPFU rw'abo bashakanye kuko umufasha we wa mbere ariwe Nyirabyago Josephine yitabye Imana mu mwaka wa 1980 akamusigira abana barindwi.

Mu gihe kitari gito cy'ubupfakazi yamazemo, yongeye gushaka mu mwaka 1987 ashakanye na Mukandebe Concessa nawe yitaba Imana mu mwaka wa 1998 amusigira umwana umwe.

Nyuma y'aho yongera gushaka mu mwaka wa 2002 n'undi ariwe Niyonambaza Godeberitta ukiriho, Nyakwigendera rero akaba amusiganye abana babiri.

Mu bihe by'ubupfakazi bwa Gérard yagaragaje ukwihangana gukomeye cyane akomeza kwizera Imana.

Gikeri Gérard yitabye Imana kuwa 03/11/2007 afite imyaka 63 y'amavuko. Imana izamuhembere ibyo yakoze kandi imuhe iruhuko ridashira, natwe adusabire ubu n'iteka ryose.

AGI NYUNDO

## UDUKURU TWO HIRYA NO HINO

**Tariki ya 01 kugeza kuya 03/10/08** : Musenyeri yatanze Isakramentu ry'Ugukomezwa muri paruwasi Mushubati, Congo-Nil, na Murunda. Aho hose Musenyeri yararaga muri paruwasi kugira ngo ashyikirane n'abapadiri n'abakristu bitangira paruwasi.

**Tariki ya 04/10/08** : Seminari ya Mt Pio X yo ku Nyundo yizihije umunsi mukuru wayo. Mu ijambo Umushumba wa Diyosezi yahavugiye , yashimiye abayobozi ba Seminari ishyaka bagira ryo guha abana ubumenyi n'umuco, ashimira n'abana umwete bakorana bakaba baranabonye imyanya myiza mu rwego rw'Igihugu. Ababwira ko bagomba kurushaho bagahora bajya mbere. Ati : Seminari ntishaka ibigwari. Na Padiri Mukuru wa Seminari yunze mw'iryo jambo, akanyamakuru kacu kazabibagezaho birambuye mu nimero itaha.

Padiri Dominiko NGIRABANYIGINYA yahanyuranye umucyo na fanfare yatangije ikaba yarizihizaga imyaka 40 ishize itangiye . Yayivuze ibigwi, anasobanurira abari aho amazina y'imyirongi y'ibyuma by'indoha bijya hamwe n'ingoma n'ibisahani bakubita bikuzuza icyo bita fanfare.

**Tariki ya 07/10/08** : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yakiriye amasezerano ya mbere y'Abahire ba Nyina wa Jambo barangije Noviciat : ni abakobwa bane, n'abahungu batandatu barangije umwaka ushize. Abakobwa babiri nabo bavuguruye amasezerano yabo muri icyo gitambo cy'Ukaristiya.

**Tariki ya 8 kugeza kuya 9/10/08** : Abasaserdoti ba Diyosezi bose bahuriye mu nama ku Nyundo. Iyo nama yakurikiwe n'umwiherero wabo mu byiciro bibiri. Aba mbere bafashijwe na Padiri Tito MUTEMANGANDO S.J, aba kabiri bafashwa na Myr Médard KAYITAKIBGA. Uwo mwiherero wabereye i Kigufi.

**Tariki ya 11/10/08**: Incuti ya Diyosezi Musenyeri Salvatore BOCCACCIO, Umushumba wa Diyosezi ya Frosinone ho mu Butaliyani yitabye Imana. Yari amaze iminsi arwaye.

Imana imwakire mw'ihirwe ry'iteka!

**Tariki ya 13 na 14/10/08**: Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yayoboye inama y'abapadiri bashinzwe umutungo wa za Diyosezi, barebera hamwe uko amafaranga yagenewe za Seminari nkuru yakoreshejwe banateganyiriza uyu mwaka w'amashuli.

**Tariki ya 17/10/08**: Nyakubahwa Paul KAGAME, Prezida wa Repubulika y'u Rwanda yagendereye Akarere ka Rubavu. Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yifatanyije n'abayobozi n'abaturage, basanganira Umukuru w'Igihugu.

**Tariki ya 20 na 21/10/08**: Abepiskopi Gatolika bagize inama yihariye, yo gusuzuma raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Seminari Nkuru zose, n'iyo ziteganya muri uyu mwaka.

**Tariki ya 22/10/08**: Abakristu ba Paroisse ya Gisenyi, bifatanyije na Diyosezi ya Frosinone yo mu Butaliyani, mu masengesho yo gusabira Musenyeri Salvatore BOCCACCIO Umushumba w'iyo Diyosezi. Yitabye Imana tariki ya 11.10.08 ashyingurwa ku ya 21.10.08 .

Diyosezi ya Frosinone ifitanye umubano wihariye na Diyosezi ya Nyundo, ikaba itera inkunga paruwasi ya Gisenyi mu mishinga imwe n'imwe . Yashyizeho n' ikigega cya Caritas ya Paroisse cyo kugoboka imfubyi n'abatishoboye. Mu mwaka wa 2006 Musenyeri Salvatore yari yasuye paroisse ya Gisenyi, mu rwego rwo kunoza umubano hagati ya Diyosezi ya Frosinone na Diyosezi ya Nyundo.

Nyagasani amwakire, kandi amuhembere ibyiza byose yakoreye Diyosezi ya Nyundo, na Paruwasi ya Gisenyi by'umwihariko !

**Tariki ya 26/10/08:** Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yagiye mu ishuli ryitiriwe Mutagatifu Matayo ry'i Busasamana kwizihiza hamwe n'abarimu n'abanyeshuli isabukuru y'iryo shuli.

**Tariki ya 27/10/08**: Itsinda ry'Abafaransa bafasha ikigo cy'imfubyi cyo ku Nyundo baje gusuhuza Umwepiskopi.

**Tariki ya 28/10/08**: Umukuru w'Abafurere bita ku mashuli y'abakristu (Frères des Ecoles Chrétiennes), yaje kubonana n'Umwepiskopi. Yari yaje gusura abafurere bayobora Ecole d'Arts yo ku Nyundo.

**Tariki ya 29/10 kugeza ku ya 02/11/08**: Musenyeri yatanze Isakramentu ry'Ugukomezwa muri paruwasi ya Mukungu, Gisovu, Kibingo, Mubuga no mu nkambi y'impunzi z'Abanyekongo ya Kiziba. Muri izo paruwasi zose Musenyeri yaraharaye kandi ashyikirana n'abayobozi ba paruwasi.

**Tariki ya 05/11/08**: Abepiskopi bagize Comité Permanent y'inama yabo bahuriye i Kigali.

**Tariki ya 06/11/08**: Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yari mu nama y'Abagize inama nyobozi ya Cité de Nazareth y'i Mbare h'i Kabgayi.

**Tariki ya 14 kugeza ku ya 16/11/08**: Musenyeri yatanze Isakramentu ry'Ugukomezwa mu Birambo, i Nyange no ku Kibuye. Gahunda yari imwe n'iyo twavuze mu zindi paruwasi.
Uyu mwaka Musenyeri yatanze Isakramentu ry'Ugukomezwa muri Zone ya Kibuye, Igisonga cye (Vicaire Général) atumwa muri paruwasi za Zone ya Gisenyi.

**Tariki ya 25 kugeza ku ya 27/11/08** : Abepiskopi bo mu Rwanda nabo mu Burundi bahuriye i Butare mu nama ibahuza yitwa ACOREB. Bahujwe cyane cyane no kwiga ibyerekeye ishuri rikuru bahuriyeho rya ISPC.

**Tariki ya 31/11/08** : Kominote ya Emmanuel muri paruwasi ya Gisenyi, yahuje abacuruzi bakorera ku Gisenyi. Barebeye hamwe uburyo barushaho kwubaka Kiliziya yabo bashyize hamwe ingufu zabo. Bashyizeho kandi na komite y'agateganyo izajya ibahuza, bemeza ko mu mezi ya mbere bazajya bahura rimwe mu kwezi.

**Tariki ya 02.12.08** : Musenyeri yahaye ubutumwa bushya Padiri Léonidas NGARUKIYINTWARI: yamugize Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Kinunu. Yari asanzweyo yungirije Padiri Mukuru muri iyo paruwasi.

**Tariki ya 06/12/08**: Mu gitambo cya missa Umushumba wa Diyosezi yaturiye muri Centre St.Pierre, yahamagariye abafashabutumwa babyiteguye akabibemerera, kwegurira Imana imibereho yabo bahamya Kristu aho baba rwagati mu bandi balayiki, baniteguye guhaguruka bakajya aho Umwepiskopi yabatuma hose.

**Tariki ya 08/12/08**: I Save mu rugo rwa Benebikira habaye umunsi wo gushimira Imana ko Umuryango wabo uteye intambwe yo kuba Umuryango ugengwa na Papa. Ubusanzwe wari ushinzwe Umwepiskopi wa Butare ahari intebe yawo. Musenyeri Alexis Habiyambere yifatanyije n'abandi Bepiskopi, Abapadiri benshi, Abiyeguriyimana bo mu miryango myinshi n'imbaga y'abakristu mu kwizihiza ibyo birori.

**Tariki ya 9 kugera kuya 12/12/08**: Abepiskopi Gatolika b'u Rwanda bahuriye i Kigali mu nama yabo yitwa C.EP.R. Iyo nama yibanze ku gusuzuma raporo y'imyitwarire yo muri Seminari Nkuru uko ari eshatu (Rutongo, Kabgayi na Nyakibanda).

**Tariki ya 14 kugera kuya 17/12/08**: Abepiskopi bo mu Gihugu cya Nigeria baje bahagarariye bagenzi babo, bagendereye u Rwanda. Baherekejwe na Musenyeri Alexis Habiyambere Umukuru w'Inama y'Abepiskopi bo mu Rwanda; bagiye hirya no hino mu Rwanda, banakirwa na Minisitiri w'Intebe ku wa 16 Ukuboza 2008.

**Tariki ya 19/12/08:** Musenyeri Alexis Habiyambere yayoboye Inama y'Inteko Ngishwanama (Collège des Consulteurs).

**Tariki ya 21/12/08**: Musenyeri Alexis Habiyambere yitabiriye ubutumire bw'Itorero ry'Abangilikani, ryarobanuye Umushumba wa mbere wa Diyosezi yiswe iya Kivu. Uwo Mushumba ni Myr Augustin Nahimana Murekezi. Iyo mihango yabereye ahari icyicaro cy'iyo Diyosezi y'Itorero Anglicani ku Gisenyi.

**Tariki ya 30/12/08** : Padiri Jean Baptiste Tuyishime uvuye kwiga mu Butaliyani yagarutse mu Rwanda. Yagizwe Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Nyange, aho asimbuye Padiri Eugène Urayeneza woherejwe muri Foyer Mgr Aloys Bigirumwami. Yiga muri ULK / Gisenyi.

**Tariki ya 31/12/08** : Umuco mwiza wo gusoza umwaka bashimira Imana bashengereye Yezu mu Isakramentu ry'Ukaristiya ntiwibagiranye. Muri Katedrali ya Nyundo yari yuzuye abantu k'uwo mugoroba. Musenyeri Alexis yibukije abari aho ibyiza Imana yagiriye Diyosezi mu mwaka wa 2008, ashimira Imana cyane kubera ingabire y'Abapadiri twungutse bikaba byaratumye Paruwasi ya Gatovu itangizwa. Yanashimiye Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene uhora atuvuganira. Abapadiri n'Abiyeguriyimana bagize umwihariko nyuma yiryo sengesho bakikiza Umwepiskopi, maze Musenyeri J.M.Vianney Igisonga cye avuga mu izina ryabo ashimira Umushumba wa Diyosezi uko abanira bose neza yoroheje, ntawe asubiza inyuma, nyamara ataretse n'igitsure iyo bibaye ngombwa ngo agarure uwenda gutana.

Tubifurije umwaka muhire wa 2009.

BAMURANGE Françoise